# *Imyuka y'ubushukanyi*

Mwaramutse, nshuti. Nishimiye kuba hano muri iki gitondo, ariko nari niteze ko mbabona mwese hano hanze, no kwizera ko Uwiteka ari kumwe natwe uyu munsi, aduha gato amahumbezi, ku buryo hataza kuba hashyushye cyane hano mu rusengero muri aya materaniro ya mugitondo. Noneho natwe . . .

2 Ndizera ko hari abana . . . Ese abana birukanwe mu masomo yabo, Mwene Data Neville? Nabonye abana bato bacye, gusa nibajije niba barangije amasomo bagasubira mu byabo a—ahandi hantu, mu cyumba cy'ishuri ryo ku Cyumweru.

3 Noneho, munsengere. Mfite icyemezo gikomeye nagombaga gufata mw'ijoro ryakeye, ariko ngomba kugifata uyu munsi. Reka itorero risenge. Nabonye—Nabonye amateraniro aza gukurikiraho, neza neza k'umurongo wa Iron Curtain mu Budage, kandi rero birakoraho gato. Rero munsengere. Kandi rero, ni, dushobora gutangira ako kanya muri urubuga runini rw'imikino rwa cricket mu Budage, iyo Hitler yakoze mbere y'intambara, ahantu heza, hicara abantu ibihumbi mirongo inani. Kandi dushobora kuyagira amajoro icumi, nta guhagarara. Turizera rero ko tuzatangirira aho ngaho ako kanya, hanyuma tukerekeza kuri La Salle Lorraine, mu Bufaransa, ubutaha, hanyuma turaza kugira amateraniro i Berlin, tukaba nanone tugarutse . . . Nibyo ndatekereza kuvuga, ari Berlin hagati y'aho nu—n'Ubufaransa.

4 Noneho nyuma yibyo tuzagaruka, Uwiteka nabishaka, mu materaniro ya Chicago. Ritangira, ngira ngo, mukwa gatanu, bigakomeza mukwa gatandatu, mukwa karindwi, mukwa munani, no mukwa cyenda, ni igice cyanjye cy'iteraniro kiri i Chicago, ku—ku itorero rya Suwede. noneho hari b'abandi, Mr. Boze, bamwe muri mwe baturutse hafi ya Chicago, babonye iteraniro ryasohotse . . . ritangira kw'itariki ya mbere Kanama, cyangwa ku ya mbere Nzeri, ni, muri Suwede. Kandi ndishimye cyane kumenya ko bantoye, kugira ngo nze, kandi hari muri rusange ijana kw'ijana. Narabyishimiye, ariko nagombaga kujyayo cyangwa nkaza hano ubu. Musenge kugirango Uwiteka anyobore neza neza aho abantu benshi bazakizwa, kandi ibyiza bizakorwa kubw'Ubwami bw'Imana. Noneho, bafite iteraniro y'ivugubutmwa hakuriya, kandi—na bo muri Suwede, bakavuga ko twagira abantu ibihumbi makumyabiri na bitanu, ibihumbi mirongo itatu tuzatangirana na bo, mu iteraniro, kandi benshi muri bo ni abantu badakijijwe.

5 Hanyuma hepfo hano mu Budage, ni byiza, bafite stade yicaramo ibihumbi mirongo inani. Mu by'ukuri, twebwe, mu Busuwisi aho twavuye, twagize amateraniro meza, kandi benshi

muri mwe birashoboka ko mutigeze mubyumva. Uwiteka yaduhaye imigisha ikomeye, twari dufite ibihumbi mirongo itanu bahindutse mu majoro atanu, yari muri—muri—i Zurich, mu Busuwisi.

6 Kandi rero, Mwene Data Jack Shuler, benshi muri mwe muramuzi, ni Umumetodisite, umuhungu wa Bob Shuler. Bari i Belfast ubu, kandi—kandi bavuga ko barimo guhindura umwanya bakava hejuru bakajya hasi, ahongaho, kubw'Ubutumwa bwiza, ndetse barenze abo Billy Graham yari afite mu materaniro ye. Jack ni musore mwiza cyane, wuzuye ishyaka n'urukundo. Kandi we—we gusa abihagazeho kugeza ubwo nizeye ko ari umugaragu ukomeye w'Imana. Kandi musengere mwene Data Shuler. Na—na Jack Shuler, na Jack MacArthur nawe ari kumwe na we. Mwene Data Jack MacArthur ni umubwiriza ukomeye, na we. Kandi ahafite abanyamatorero bavuze ko ari ububyutse bukomeye bwigeze kubaho muri Irilande. Twebwe rero. . . Tujya gusengera buri munsi a—abo bagabo. Bombi ni abasore, munsi y'imyaka, hafi mirongo ine, ndakeka, cyangwa munsi yaho, imiryango n'ibindi, hamwe n'abigisha beza b'Iyobokamana, kandi turabakunda.

7 Noneho, nda—ndagusengera ngo utazanyibagirwa, kugira ngo—kugira ngo Imana inyemerere gufata icyemezo gikwiye nonaha. Hari ubwo utamenya inzira yo guhindukirira. Mwigeze mugera ahantu habo? Nizera ko Pawulo yageze aho hantu inshuro imwe, si byo? Hari hagati y'amayira abiri. Maze igihe yari agiye kurengana, kubera iki, yabonye Umumalayika mu iyerekwa aramubwira ngo: "Ngwino muri Makedoniya." Noneho Uwiteka aracyafite Malayika We, si byo? Niba nanshoboraga kwicisha bugufi mu mutima wanjye kuri ibyo nka Pawulo.

8 Noneho, iri joro, mwibuke umurimo w'Ubutumwa bwiza hano ku ihema, abantu bose baraza. Mwebwe hafi ya Louisville, Ndabamenyesha ko ngiye kuvuga ubutumwa ku Itorero rya Open Door, iri joro, bizadutwara amasaha abiri, saa moya na mirongo itatu kugeza saa tatu na mirongo itatu, kwa Mwene Data Cauble. Nari ngiye kuza hano inshuro ebyiri. Kandi ni umuntu mwiza cyane, arahamagara. Kandi mwene Data Cauble, ni umunyacyubahiro mwiza cyane, nk'umuvandimwe. Wowe, nzi neza ko muziranye, mwene Data mwiza cyane, kandi ntushobora kumwanga gutyo. Musenge. Hejuru ya byose, musenge, kandi musenge kugira ngo Imana iduhe i—icyemezo gikwiye cyo gufata.

9 Noneho, mbere y'uko dutangira Ubutumwa Bwiza, twabonye igitondo aho tugomba kwegurira Imana abana bato. Kandi nabonye mugenzi wanjye muto hano nawe tugomba kwegurira Umwami. Noneho, inshuro nyinshi mu matorero menshi. . .

Ese murumva neza, hariya inyuma? Niba mubishoboye,

birumbikana? Uyu muyaga hano, njyewe gusa, ntushobora kwiyumva wowe ubwawe. Oya, ibyo, iyo ni byo rwose. Mfite ubwoba ko nzapfa ntabifite.

10 Noneho—abana bato, rimwe na rimwe barabaminjagira, mu rusengero, iyo ari abana bato bato. Kandi byumvikane ko ibyo biva muri kiliziya Gatolika, bakira abana bato, cyangwa "bababatuza" nk'uko babaha izina mu gihe bakiri abana bato gusa. Itorero rya Metodiste ryarabizanye, kubatizwa kw'abana, kandi abenshi, ndatekereza n'ibindi byinshi. Ntekereza ko iryo ari ryo tandukaniro riri hagati y'Abanazareti n'Abametodiste ba kera, wari umubatizo w'uruhinja, icyo gihe wari utandukanye gato n'indi. Ariko, uko byagenda kose, ntacyo bitwaye, sinkeka ko hari ikibazo kinini kirimo. Kubera ko, nyuma y'ibyo byose, ngira ngo Kaluvari hari ibyo yashyize hanze, aho ngaho, bibisobanura byose, ni byo, 'kubera ko Yesu yapfiriye gukiza abana bato no gukiza isi.

11 N'umwana muto, uko umubyeyi yaba ameze kose, uko yaba afite icyaha kose, ibyo ntacyo byahindura, kuko Amaraso ya Yesu Kristo amwoza, murabyumva, kandi uyu ni Umwana w'Intama w'Imana ukuraho ibyaha by'isi. Uwo mwana muto ntashobora kwihana. Ntabwo azi uko bihana. Nta mpamvu yo kuba hano, ku bushake bwe. Ntashobora kukubwira impamvu ari hano. Ariko Imana yamwohereje hano, kandi Amaraso ya Yesu Kristo ahita abihanagura akimara kuza mw'isi. Kugeza ku myaka ashobora kugira ibyo abazwa, noneho akamenya icyiza n'ikibi, hanyuma icyo akora ni ukwihana kubyo azi yakoze nabi. Ni byo. Rero, bamwe muri bo barabaminjagira, bagatekereza ko batajya mw'Ijuru.

12 Kandi hariho inyigisho ivuga niba umwana yaravutse ku babyeyi bafite Umwuka Wera, ngo, umwana azajya mw'Ijuru; ariko, niba atari ibyo, nta kindi bakongeraha, rero umwana ntaba akiriho. Iri ni ikosa rwose. Habaho irihe tandukaniro niba ari ababyeyi bafite Umwuka Wera? Byose ni irari ry'ibitsina, kandi abana bavuka kimwe. Rero, ni bose "bavukiye mu cyaha, bakurira mu bicumuro, baza mw'isi bavuga ibinyoma." Ibyo, ayo ni amagambo yo mu Byanditswe byayo.

13 Rero, ako kanya Amaraso ya Yesu Kristo arasukura kandi agahongerera uwo mwana. Iyo apfuye, agomba kugenda neza rwose akagera imbere y'Imana, niba yaravutse ku babyeyi bafite ibyaha bikabije kw'isi, kugeza ku myaka yo kubazwa aho azi icyiza n'ikibi. Hanyuma icyo akora, guhera icyo gihe, agomba kubabarirwa kubw'ibyo. Agomba gusaba kwihana kwe bwite kuva icyo gihe. Ariko mu gihe ari uruhinja . . .

14 Noneho, iyo ni yo ari nzira yonyine, tugerageza gukurikiza, hano mu rusengero. Aha ni ho hantu honyine ku isi njya, nkabwiriza Inyigisho, hano ku rusengero, kuko iri ni ryo torero ryacu. Kandi tubwiriza Inyigisho hano kugira ngo abantu

bagume mu murongo. Abandi bagabo, mu matorero yabo, babwiriza ibyo bemera byose. Kandi ni abavandimwe banjye, dushobora gutandukana gato, dukomeza kuba abavandimwe kimwe. Kandi na none, hano mu rusengero, tubwiriza ibyo twibwira ko ari Inyigisho zishingiye ku Byanditswe mw'ijambo. Kandi, muri rwo, tubona ubwitange bw'abana, icyo twita kwitanga, igihe cyonyine muri Bibiliya dushobora kubibona, cyangwa aho mu Isezerano Rishya aho abana bato bigeze kugira icyo bakora cyose, cyangwa aho Kristo yagize icyo abikoraho mu mihango, yari, Yabafashe mu maboko, abarambikaho ibiganza maze abaha umugisha, aravuga ati: "Mureke abana bato bansange. Ntimubabuze, kuko ubwami bw'Imana ari ubw'abameze nka bo."

15 Noneho, twarasigaye, nk'uko tubyumva, kugira ngo dukomeze umurimo We aje gu—gusohoza. Mu rupfu Rwe i Kaluvari, Yari kumwe natwe maze Aragenda. . . ava ku Mana, aza mu isi, asubira ku Mana, cyangwa yavuye mw'isi ajya ku Mana, hanyuma agaruka mu buryo bw'Umwuka Wera, kandi ari kumwe natwe, ndetse ari no muri twe, kugeza ku mperuka y'isi, akorera mu Itorero Rye umurimo nk'uwo yakoze igihe yari hano ku isi. Kandi, kubw'ibyo, tujyana abana bacu umwe ku wundi, ku bakozi b'Imana, Nuko bakabasengera, bakabarambikaho ibiganza babegurira Imana. Gusa hakabaho umuhango muto wo kuvuga no gushima ibyo Umwami yadukoreye hamwe n'abana bato.

16 Noneho, niba umwana wawe muto yaraminjagiwe, cyangwa mu buryo ubwo ari bwo bwose bukoreshwa mu itorero ryawe, tekereza. Nta kintu na kimwe tuvuga kirwanya ibyo. Byose ni byiza. Ariko, Ibyanditswe Byera, dusangamo ahantu hamwe gusa, aho Yesu yabahaye umugisha, We wenyine. Ibyo ni byo nza kuza gusoma, Uwiteka nabishaka, mu—mu Ijambo hano. Dusanga, muri Mutagatifu Luka i. . . Nizera ko ari—igice cya 10, kandi gitangirana n'umurongo wa 13.

> *Bamuzanira abana bato, kugira ngo abakoreho, kandi abigishwa be bacyashye ababazanye.*
>
> *Ariko Yesu abibonye, ararakara cyane, arababwira ati: Mureke abana bato baze aho ndi, ntimubabuze, kuko ubwami bw'Imana ari ubw'abameze nka bo.*
>
> *Ni ukuri ni ukuri ndababwira ko umuntu wese utazakira ubwami bw'Imana nk'umwana muto, atazinjiramo.*
>
> *Nuko arabaterura, abarambikaho ibiganza, abaha umugisha.*

17 Ni byiza? Yaravuze ati: "Noneho, nimureke abana bato bansange. Ntimukababuze, kubera ko nka bo, nk'uriya mwana muto, ni we uzabona Ubwami bw'Imana." Arabaterura mu maboko, abaha umugisha.

18 Noneho, mbega ukuntu tubikunze, muri iki gitondo, niba twashoboraga kubona Yesu yicaye, ubwe, hano ku rubuga, tukavuga tuti: "Mwami, ese waha umugisha umwana wanjye?" Yoo, mbega . . . kubera ko amaso yacu y'umuntu n'umutima wacu wifuza kubibona. Ariko ari hano, uko byagenda kose, kuko aduha komisiyo yo kubikora. Kandi, uko tubikoze, arabimenya. Twakiriye abo yohereje, twakire uwamutumye, murabona. Noneho, Ari hano muri iki gitondo. Niba kandi Mushiki wacu Gertie yazamuka akajya kuri piyano agacuranga indirimbo yacu ya kera twahoze turirimba kera, iyingiyi, "Mubazane, muzane abana bato kuri Yesu." Nizera ko iri mu gitabo hariya. Simbizi neza. "Muzane abana bato kuri Yesu." Niba kandi ufite umwana, akana gato kateguriwe Imana, kandi ushaka kumwegurira Imana muri iki gitondo, kubera iki, tutakwishimira kubikora.

19 Mbese muri iyo nyubako hari abakozi b'Imana, ababwiriza bashaka gusa kuzamuka no guhagararana natwe hano mu gihe twegurira aba bana Umwami? Kubagira hano biratunezeza, mu gihe muza. Ni byiza, hari ibitabo bihari? Urakibonye, Mwene Data Neville? Nta gihari. Ni byiza, ni bangahe bayizi, *Mubazane?* Ni byiza, reka turirimbe nonaha. Abantu twese hamwe, mu gihe ababyeyi bazana abana babo. Ni byo. Ni byo.

> . . . binjire, nimubazane,
> Mubazane mubakure ahakorerwa icyaha;
> Mubazane, mubazane,
> Zanira Yesu ubuzererezi.
>
> Mubazane, mubazane,
> Mubazane mubavane ahakorerwa icyaha;
> Mubazane, mubazane,
> Muzane abana bato kuri Yesu.

Turaza gupfukama akanya gato.

20 Data wa twese wo mu ijuru, bahagaze hafi y'igicaniro muri iki gitondo hahagaze ba nyina na ba se bafashe urubyaro rwabo mu maboko, abo wabahaye ku bw'ubuntu. Baragushimira cyane, Mwami, kandi babazanye hano ku gicaniro muri iki gitondo, mu nzu y'Imana, kubakwegurira, ngo baguhe ubuzima bwabo. Warababahaye. Kandi turasenga, Mana, kugira ngo uzagaburire kandi uhe umugisha buri wese. Bayobore, kandi Abamalayika b'Imana barinde buri wese. Bahe ubuzima burebure bw'ibyishimo n'umunezero. Nibakure babe abagabo n'abagore b'Imana, b'ejo hazaza, niba hariho ejo.

21 Mana, turasenga ngo Uzamure ababwiriza n'abahanuzi n'abigisha muri iri tsinda ry'abana bato bazengurutse iki gicaniro muri iki gitondo. Kandi iyo tumaze gusaza tutagishoboye kugera kure, hagomba kubaho umuntu utuvana ahantu hamwe atujyana ahandi, reka dushobore kwihagararaho no kumva Ubutumwa bwiza bwamamajwe n'abari hano uyu munsi. Bitwemerere, Mwami. Kandi umunsi w'icyubahiro iyo

byose birangiye, ubuzima bwacu burarangira, aba babyeyi bazengurutse igicaniro, reka tumere nka Yakobo wo hambere ubwo yahaga umugisha abana be bose akababwira uko iherezo ryabo rizaba ku munsi w'imperuka. Noneho areba hejuru, aravuga ati: "Murabizi, ngiye kuruhukira hamwe n'ubwoko bwanjye." Umunsi umwe w'icyubahiro, we n'abamukomokaho bose, bateranirizwe mu Gihugu cyiza. Ntibitangaje kuba Balamu yaravuze ati: "Reka iherezo ryanjye rya nyuma ribe nk'irye." Mana, ndagusenze ngo Utange iyi migisha igere ku babyeyi.

22 Noneho mu gihe tugiye kubarambikaho ibiganza, mbega—mbega byiza . . . Kandi mbega ukuntu Wabyoroheje, Mwami, ngo twe abagabo bo kw'isi duhabwe amahirwe yo guha umugisha abana bato mw'Izina Ryawe, tumenye ibi, ko, ibyo dusaba, tubihawe. Mu gihe tugiye kubaha imigisha, Yesu, Umuntu wuzuye-utagaragara, Ushobora byose ahagarare hafi kandi ahe umugisha buri mwana nk'uko tubarambitseho ibiganza tukabamutura. Kubera ko tubisabye mw'Izina Rye. Amina.

23 Mwene Data Glenn Funk, afite abana be batatu bato beguriwe Umwami. [Ahantu hadafashe amajwi kuri kaseti—Ubwanditsi.]

. . . a—akabati gato, kari iyo kw'isi y'amajyaruguru, Wansezeranirije uyu mwana. Data, imigisha yawe imugereho.

Yosefu, mwana wanjye, nkweguriye Imana. Kandi ubuzima bwawe nibube umugisha. Ushobora kuba umuhanuzi, Yozefu. Ubuntu bw'Imana bubane nawe. Imana ya so, Umwami Yesu Kristo, iguhe umugisha, iwuguhe ubuzima bwawe bube umugisha ku bandi.

Mw'izina rya Yesu Kristo, muhaye umugisha. Amina.

24 [Ahantu hadafashe amajwi kuri kaseti—Ubwanditsi.] . . . gukunda abana bato? Ikintu kijyanye nabana bato buri mubyeyi ushaka ko umwana we ahabwa umugisha.

Noneho, ubwo ni bwo buryo Data wo mu Ijuru atubereye mukuru muri iki gitondo. Ashaka ko buri wese muri twe ahabwa umugisha. Atugaragaza mbere y'ikintu runaka, gusa akakidushyikiriza, nk'uko tubivuga, "Hano, ndashaka ko muhabwa umugisha, bana banjye." Ese ntibishimishije? Dushobora rero gushima Data mwiza wo mw'Ijuru nk'uriya.

25 Noneho, mu migisha y'abana bato, murabizi, nasomaga gusa hano mu Byanditswe ejobundi, ahandi hose, byari mu Isezerano rya Kera, ibyo, ikintu gikomeye ni—nishimira rwose gusoma. Kiri hano, hano neza. "Natani abwira Dawidi ati: 'Kora ibiri mu mutima wawe, kuko Imana iri kumwe nawe.'" Murareba? "Kora ibiri mu mutima wawe." Kandi inshuro nyinshi njye—njye nabonye ibi, nshuti y'Umukristo, ku buryo navuze ibintu ntazi ibyo mvuga, maze nkamenya ko bizasohora. Ibyo uvuga!

26 Byaravuzwe igihe kimwe, Yesu yamanutse ku musozi abona igiti kitagira imbuto, gifite amababi gusa, kuko nta mbuto cyari gifite, aravuga ati: "Guhera ubu nta muntu uzongera kukuryaho."

27 Bukeye, bahanyuze, intumwa zibona amababi yumye. Aravuga ati: "Nimurebe uburyo igiti cyumye vuba."

28 Yesu Aravuga ati: "Mwizere Imana; ku byo mwifuza byose, mu gihe musenga, mwizere ko mwabyakiriye kandi muzabibona. Kandi ibyo mwavuga byose, muzabona ibyo muvuga." Mutekereze kuri ibyo. Yoo! Kandi birashoboka ko uyu munsi, Umwuka Wera w'Imana, uhagaze hano ku gicaniro, uvuga. . .Ni byiza, ntabwo bigomba gutegurwa. Ntabwo bigomba kuba ahantu heza cyane hateganyijwe.

29 Yakobo igihe kimwe yateruye ibuye arishyira ku mutwe we, kandi n'ubu riracyamenyekana nk'ibuye rya Sicone. Cyangwa, Ibuye rya Sicone, ku buryo abantu bakomeye kw'isi bagipakira iryo buye hirya no hino, kugira ngo abami basoreze hejuru y'iri buye, gusa ibuye risanzwe ryarambitswe mu murima.

Beteli ryari ikirundo cy'amabuye agerekeranye, maze ahinduka inzu y'Imana, ahantu ho guturwa. Yakobo aravuga ati: "Aha nta kindi haba cyo uretse inzu y'Imana." Amabuye agerekeranye byonyine.

30 Ntabwo bisaba ibintu bikomeye biteguwe. Bisaba ubworoherane n'ibyiringiro byo kwizera, ni byo bisaba. Ni byo bituma bibaho.

31 Noneho, kumenya ko kihuta vuba, turagerageza kutabatinza cyane, tuzirikana ko hashyushye kandi ko urusengero rwuzuye. Rero ndaza kuvugana namwe akanya gato gusa muri iki gitondo, ku birebana n'umutwe w'icyigisho. . .nizeye ko biri bubafashe. Noneho ubu, 'mbere yo kuva mu rugo, nanditse utuntu dutatu cyangwa tune. Ndavuga nti: "Ndategereza ndebe icyo Uwiteka yashakaga kumbwira ningera hariya." Nanditse ibintu bito bigufi hano, ingingo nto, nuko nandika imwe, nyishyira mu mufuka nka gutya. Natekereje nti: "Ni byiza, ningera ku gicaniro wenda Araza kumbwira ikintu tuganiraho." Noneho ndi kure yabyo nk'uko nari imbere hariya. Rero, uko byagenda kose, ndaza gusoma Ibyanditswe hano, Uwiteka adufashe kubyumva. Igice cya 14 cya Mutagatifu Luka, kandi mureke dutangirire nko kuri mirongo itatu-. . .Umurongo wa 31 w'igice cya 14 cya Mutagatifu Luka.

> *Cyangwa se hari umwami wajya kurwana n'undi atabanje kwicara, ngo ajye inama y'uko yabasha gutabarana n'ingabo ze inzovu imwe ngo arwane n'umuteye afite ingabo ze inzovu ebyiri?*
>
> *Bitabaye ibyo, mu gihe* wa wundi akir*i. . .kure cyane, atuma intumwa ze, akamubaza icyo yamuhongerera ngo babane amahoro.*

*Nuko rero namwe, umuntu wese muri mwe . . .*

32 Ndashaka ko mubibona hafi. Noneho, Yabanje kuvuga ngo . . . Ni umugani. Yaravuze ati: "Noneho, hari umwami uza, kandi afite abasirikare ibihumbi makumyabiri; kandi *uyu* mwami agiye kumusanganira, kandi afite abasirikare ibihumbi icumi gusa. Noneho rero, uwambere, aricara abaza niba yiteguye, niba ashobora kubikora cyangwa atabikora." Byose.

*. . . muri mwe udasiga ibyo atunze byose, ntashobora kuba umwigishwa wanjye.* (Murareba?)

33 Noneho Uwiteka yongere umugisha kuri iri Jambo. Noneho twunamishe imitwe yacu akanya gato.

34 Data wo mu ijuru, Wowe uzi byose, kandi utitaye ku miterere y'umuntu, ku cyo umuntu ari cyo ku buryo wubaha imitekerereze ye? Waremye umuntu, kandi ameze nk'ururabyo rwo mu murima: uyu munsi ni mwiza, ejo ruzacibwa, rujugunywe mu ziko, rushye rukongoke. Kandi ndagusabye, Mana, ngo utugirire imbabazi uyu munsi kandi buri wese areke kubara uyu munsi. Turi hano nko munzu yo gukosorerwamo. Turi hano kugirango twige kandi tumenye kubaho, kandi reka bive mu Ijambo Ryawe uyu munsi, O Mana Ihoraho. Benshi mu bana Bawe bateraniye hano, kandi benshi muri bo babaye abana bawe imyaka myinshi, ariko, nk'ibyo, twese dusubira mu nzu y'Imana, kwiga, kumenya. Nanjye, umugaragu wawe, ndifuza kumenya byinshi kuri Wowe. Kandi ndasenga ngo uzane ihumure ry'Ubutumwa Bwiza kuri twese, no ku mugaragu Wawe, kandi ko Kugaragara Kwawe, no kudutera inkunga binyuze muri iyi nyubako, biraza kuba byiza cyane uyu munsi, ko tuzagenda, mu mitima yacu, twifuza kuba abakozi Bawe beza, ko bizatugirira akamaro kuba turi hano. Mana y'imbabazi, tanga iyi migisha mw'Izina rya Yesu, Umwana Wawe. Amina.

35 Noneho Uwiteka yongere imigisha ye ku Ijambo nk'uko turisomye. Ndashaka gufata inyandiko muri iki gitondo, ivuga ngo: "Imyuka y'ubushukanyi cyangwa Ijambo ry'Imana?" Noneho, ahubwo ni ingingo idasanzwe, ariko kuba iri mu rusengero . . . Ijoro ryo kuwa Gatatu ushize . . . Ku Cyumweru gishize mu gitondo navugaga kuri—kuri yubile ntoya yo Guhimbaza.

36 Ku wa Gatatu ushize nijoro nabwirizaga ku mugore wari ufite ai—ka mudasobwa gato hejuru y'umutwe, cyangwa . . . Yatakaje kimwe mu biceri bye, kandi arimo gukubura inzu agerageza kugishaka 'mbere y'uko umugabo we aza. Nuko nza kumenya ko uriya mugore yari umugore usobanutse, kandi we . . . kandi yari ahagarariye Itorero. Kandi nta gatambaro karanga ubukwe kagombaga kwambarwa ku rutoki. Kazengurutswaga ku mutwe, gatatseho amasaro icyenda. Kandi iyo umugore amaze kuba indaya, bakuragaho isaro rimwe

maze bikagaragaza ko ari indaya. Kandi rero uyu mugore yari yatakaje kimwe mu biceri, ntabwo yari indaya. Ariko umugabo we yari yaragiye, nuko agerageza kwihutira gushakisha icyo giceri, kugira ngo agisubize muri ka mudasobwa ke, kugira ngo umugabo we nagaruka azamenye ko yafatiwe mu buraya, kandi ibyo byaba bisobanura gusenya urugo n'ibindi. Kandi navuze ko mu mwanya muto mu rusengero, natakaje ibintu byinshi bikomeye. Kandi igihe kirageze ngo Data aze, tugomba rero kuyahiga. Noneho, kuba tuzi mw'itorero, hamwe n'urusengero rwacu. . .

37 Kandi nda—ndashaka kuvuga ku *Myuka y'Ubushukanyi,* yakwitwa rwose *Inyigisho ku madayimoni*. Mwumva byinshi ku byerekeye amadayimoni, yo muri iyi minsi, ariko mukumva bike ku bijyanye no kuyirukana. Twese tuzi—tuzi neza ko hariho amadayioni, ariko, igikurikira ni, uburyo bwo kwirukana icyo kintu. Noneho hariho. . .Kugira, kubw'ubuntu bw'Imana, amahirwe menshi yo guhangana n'ibi bintu byitwa amadayimoni, no guhura na yo ku mugaragaro mu rugendo rwa buri munsi, kandi, kubera iki, ndashaka kureba mu Byanditswe muri iki gitondo nkamenya ibyo bintu ibyo ari byo.

38 Noneho, twabishyize mu bikorwa mu murimo wo gukiza indwara, buri gihe ku ruhande rwo gukiza. Kanseri, ikibyimba, agakoko ko mu maso, igituntu, ibyo bintu byose ntabwo ari ibintu bisanzwe, ni indengakamere kandi ni amadayimoni. Ibyanditswe birabyemeza byose neza. Ariko ibyo ni amadayimoni mu mubiri, hamwe no gukura, nka kanseri, babonye ubuzima muri wo, kandi ubuzima bw'ibyo ni idayimoni. Gukura kw'agakoko ko mu maso, gukwirakwiza igituntu, n'izindi ndwara, ni amadayimoni. Ibyo ni mu buryo bw'umubiri.

39 Noneho, muri iki gitondo tugiye kuganira—tuvuge ku byerekeye amadayimoni mu buryo bw'umwuka mu bugingo. Bari mu bugingo kimwe no mu mubiri. Tugomba kwemera ko tuyabona mu mubiri w'abantu, nka kanseri n'i—n'indwara zitandukanye ziri mu mubiri w'umuntu.

40 Vuba aha, ndetse na kanseri yatangajwe ko ari indwara yo mu rwego rwa kane, ko iri mu rundi rwego. Ni byo, ni amadayimoni. Indwara zose n'indwara yo mu cyiciro cya kane, intangiriro yayo.

41 Noneho, ariko ubu ni kanseri mu mubiri cyangwa kanseri mu bugingo, dayimoni ishobora kuza ahantu aho ari ho hose. Noneho, hari inshuro nyinshi n'abantu benshi bafite ibitekerezo byiza ku buryo. . .n'abantu beza bagerageza inshuro nyinshi ku—kuruhukira muri tewolojiya nkeya bafite, cyangwa ikintu bigishijwe bakiri abana, kandi ugasanga mu buzima bwabo, mu bugingo bwabo, bagifite ikintu kidakwiye. Mwebwe, benshi muri hano muri iki gitondo, nta gushidikanya aho wasanga

Abakristu bateraniye hamwe, uhasanga abantu bafite iyo myuka muri bo, ku buryo bo. . . ntibabyifuzwa na gato. Ntibabishaka. Baravuga ti, "Yoo, iyaba nashoboraga kureka kubeshya gusa! Iyaba nashoboraga kureka irari gusa! Iyaba nashoboraga kureka *iki* cyangwa *kiriya*!" Noneho, ayo ni amadayimoni. Kandi, ubu, aza mu buryo bw'amadini, inshuro nyinshi. (Kuba ari ishuri ryo ku Cyumweru, ni igihe cyo kwigisha, reka rero turebe muri ibi.) Noneho, aza mu buryo bw'idini, inshuro nyinshi.

42 Noneho, mu Byanditswe, rimwe, hariho umuntu witwa Yehoshafati, umuntu ukomeye, umunyamadini. Yagiye ku wundi mwami wari umwami wa—wa Isiraheli. We, Yehoshafati, yabaye umwami w'i Buyuda. Hanyuma aramanuka ajya kureba Ahabu, umwami wa Isiraheli, maze bose bahurira hamwe, bagirana amasezerano, kugira ngo bajye kurwanira i Ramoti i Galeyadi. Nuko babikora batabanje gusenga.

43 Yoo, iyaba abantu bashoboraga kubimenya gusa! Ni yo mpamvu naje muri iki gitondo mbasaba kunyibuka mu gihe ngiye mu mahanga. Muri byose, musenge!

Umuntu yaraje ejobundi aravuga ati: "Mwene Data Branham, utekereza ko ari bibi gukora ikintu runaka?"

44 Ndavuga nti: "Kubera iki ubyibazaho?" Murareba? Niba hari ikibazo mu bitekerezo byanyu, mubireke, ntimubikore na gato. Mugumane gusa n'ibyo. Iyo mutangiye gukora ikintu icyo ari cyo cyose, kandi niba ari ikibazo kumenya niba ari cyiza cyangwa ari kibi, mujye kure yacyo. Ntimukajyeyo rwose, noneho mumenye ko muri mu ukuri.

45 Noneho, ibintu byose bigomba gufatwa nk'amasengesho, mbere na mbere. "Mushake mbere na mbere ubwami bw'Imana no gukiranuka Kwayo, naho ibindi byose muzabyongererwa." Nzi neza ko muri iki gitondo, niba abagabo n'abagore bashoboraga kugera mu mwanya w'ubugingo bwabo, imitekerereze yabo, imyifatire yabo, iba itunganye imbere y'Imana, iryo ryaba ari rimwe mu matorero akomeye yabayeho.

46 Mwitegrereze akanya gato ku mubiri. Noneho, turiho, dufite, ni inshuro nyinshi, mu imyaka myinshi dufite, twabonye icyo twita "akuma kagenzura kubeshya." Mushobora kugashyira ku maboko yanyu, mukakazengurutsa hejuru y'u—y'umutwe wabo, kandi mushobora kwinjira hanyuma mukagerageza uko mushoboye kugira ngo ikinyoma cyumvikane nk'ukuri, kandi kazandika nabi buri gihe, kuko umuntu ntiyaremewe kubeshya. Kubeshya ni ikintu kibi, gikomeye, ikintu kibi. Nahitamo kuba umusinzi nanjye, umunsi uwo ari wo wose, kuruta kuba umubeshyi. Murareba? Umubeshyi! Kandi umubiri wanyu ntiwamewe kubeshya. N'ubwo mwaba abanyabyaha gute, muracyari abana b'Imana baguye. Umuntu w'umunyabyaha cyane muri uyu mujyi uyu munsi, Imana ntiyagambiriye ko uba umunyabyaha. Yashakaga ko muba abahungu

cyangwa abakobwa Bayo. Mukozwe muri kamere Yayo. Ariko icyaha cyabateye kubikora. Kandi n'ubwo mwagerageza kwigana mute kandi mukagerageza gusiga ikinyoma ngo gise nk'ukuri, babonye igikoresho cy'ubuhanga cyerekana ko ari bibi. Mushobora kubivuga ku buryo butunganye bwose mushaka, ariko kizakomeza kwandika ibibi; kubera ko hariho inyurabwenge mu kiremwa muntu, kandi iyo nyurabwenge izi ikiri ukuri. Kandi uko waba uvuze kose hano, iyo nyurabwenge izi ko ari ikinyoma, kandi kizandika kinyuranyije n'inyurabwenge.

47 Kubw'ibyo, niba umugabo cyangwa umugore bashobora kugira ibitekerezo byabo, n'ubuhamya bwabo n'ubuzima bwabo buze kuba bujyanye n'Imana (amina) kugeza igihe umuyoboro w'Umwuka Wera uzaba umwe rwose n'Imana, byagenda bite! Niba umugabo n'umugore bashoboraga gutonda umurongo, aho hamwe n'ubwisanzure mu mitima yabo, hamwe no kwizera kuva mu ndiba y'umutima!

48 Abantu benshi baza ku gicaniro gusengerwa, bafite kwizera kw'ubwenge. Batura ibyaha byabo kandi binjira mu itorero, kubwo kwizera kw'ubwenge. Barabyizera i—ibitekerezo byabo. Barabyizera kuko babyumvise. Barabyizera kuko bazi ko ari politiki nziza. Ariko ntabwo ari byo Imana ireba. Ntabwo ireba kwizera kwanyu kw'ubwenge.

49 Yareba ku mutima, aho Imana iri imbere . . . Kandi iyo bivuye ku mutima, ibintu byose birashoboka noneho. Kwatura kwanyu guhura n'ubuzima bwanyu. Ubuzima bwanyu buvuga cyane nk'uko kwatura kwanyu kuvuga.

50 Ariko iyo kwatura kwanyu kuvuga ikintu kimwe, kandi ubuzima bwanyu bukabaho ikindi, hari ikintu kiba kitagenda ahantu runaka. Ibyo ni ukubera ko mufite kwizera kw'ubwenge, kandi ntabwo ari ukwizera kuva ku mutima wanyu. Kandi ibyo byerekana ko hanze, *hano*, hari ubumenyi bw'Imana; ariko imbere, *hano*, ni idayimoni yo gushidikanya. "Nizera gukiza kw'Imana, ariko ntabwo ari njye." Murareba? "Ah, birashoboka, ariko simbyemera." Murabona? Hanze, muravuga muti: "yego"; imbere, umutimanama wanyu ukavuga uti: "oya." Icyo kintu kimwe cy'ubuhanga cyerekana ko ibyo atari ukuri, kirabyerekana.

51 Murebe igihe abo bami, mbere y'uko batangira, bagombaga kugira . . . Mbere y'uko Yehoshafati agirana amasezerano na Ahabu, yagombaga kubanza kuvuga ati: "Reka dusenge turebe ubushake bw'Uwiteka ubwo ari bwo."

52 Mpa umubwiriza, mpa Umukristo, mpa umugore wo mu rugo w'Umukristo, mpa umuhinzi, cyangwa umukozi w'uruganda, uzashyira Imana imbere muri byose, Nzakwereka umugabo uzagira icyo ageraho n'ubwo satani ashobora kumutera. Ashaka Imana, mbere na mbere. Tugomba kubanza . . .

53 Ariko ntibababikora. Bose bari bagoswe n'igicu kubera Ahabu yari afite ubwami bukomeye, kandi yari yarakoze ibintu byinshi, kandi yari afite ibintu byiza cyane, zahabu ye n'ifeza, yari umuntu ukomeye, watsinze, nyamara utizera.

54 Kandi aho ni ho isi igeze uyu munsi. Aho ni ho Amerika ihagaze muri iki gihe. Aho ni ho amatorero ahagaze uyu munsi. Twubatse amwe mu matorero meza yigeze yubakwa. Twagize bamwe mu bahanga beza bize twigeze kugira. Twigishije tewolojiya nziza, n'ibindi, kandi twize kuririmba nk'Abamalayika, ariko nyamara hari intege nke ahantu runaka. Hano hari intege nke, kuko bakurikiye inyigisho z'umuntu n'imyuka y'ubushukanyi, aho kugaruka ku Ijambo ry'Imana. Bagerageza gukora ibintu nk'isi. Bagerageje gushyiramo amatara yaka hejuru yabyo, nka Hollywood.

55 Hano ejobundi, idini rizwi, ry'Ubutumwa Bwuzuye bwakwiriye mu mujyi wa Kansas, cyangwa, mumbabarire kubivuga ntyo, i Denver, mu giterane, riri kubaka itorero rya miliyoni z'amadorari. Kandi abamisiyoneri ibihumbi n'ibihumbi bategereje amasantimu mirongo itanu muri iryo dini rimwe, kugira ngo bajyane Ubutumwa bwiza mu mahanga. Icyo dukeneye uyu munsi ni ibitekerezo by'ubumisiyoneri, byoherejwe n'Imana, ububyutse bw'Umwuka Wera, ibyo bizagira ishyaka ry'Imana, bukwirakwire hanze iyo mu mashyamba ngo bugire icyo bukorera Imana, aho kubaka amatorero manini, meza kandi agerageza kurikira abaturanyi.

56 Nahitamo gusengera mu butumwa, n'aho bwahanaguwe, cyangwa mu cyumba, kandi mugire umudendezo w'Umwuka Wera n'urukundo rw'Imana rwaka mu mitima, kuruta kwicara muri katedarali nini dufite kw'isi kandi tugahuzagurika hamwe n'inyigisho z'abantu n'imihango. Icyo dukeneye uyu munsi ni ububyutse bunyeganyeza, dusubire mu kuri, dusubire mw'Ijambo ry'Imana.

57 Noneho, igihe bajyaga hariya, hashize igihe gito Yehoshafati aramusanga we ubwe, aramubwira ati: "Ntabwo . . . Ni byiza, reka tubaze Uwiteka kuri iyi ngingo."

58 Aravuga ati: "Ni byiza," Ahabu arabikora, aramanura abona ababwiriza amagana, magana ane. Abazana ahongaho aramubwira ati: "Aba bose ni abahanuzi."

59 Nuko rero bajya mu bukonikoni bwabo, batangira guhamagara. Maze baravuga bati: "Yego, genda, utabare amahoro. Uwiteka ari kumwe nawe."

60 Hanyuma abo magana ane bose bamaze guhamya ko bagomba gutabara amahoro, ariko Yehoshafati yari abizi . . . Ese murakurira ibyo mvuga? Murareba, mu mutima w'umukiranutsi hari ikintu cyamubwiye ko hari ikintu mu mutima ahantu runaka. Ikintu cyari kibi.

61 Ahabu ati: "Ubu twabonye magana ane hano, kandi ku bwumvikane bumwe, buri wese muri bo aravuga at: 'Genda, Uwiteka ari kumwe nawe.'"

Yehoshafati ati: "Nta wundi mwabonye?"

62 Yaravuze ati: "Ndumva ko, dukeneye undi, tumaze kubona magana ane b'abagabo bize neza mu gihugu? Bose baravuga bati: 'Genda! '" Ibyo byari ubwenge. Ariko mu mutima wa Yehoshafati yari azi ko hari ibitagenda neza. Noneho, aravuga ati: "Twabonye undi umwe, ni Mikaya. Ariko ndamwanga." Aravuga ati: "Buri gihe avuga ibintu bibi, kandi agaragara mu kwiha gutanga impanuro zidakwiye, kandi arimo asenya amatorero n'ibintu byose." Aravuga ati: "Ndamwanga."

Aravuga ati: "Genda, urebe, reka turebe icyo agiye kuvuga."

63 Mikaya amaze kugagera, aravuga. . .Baravuga bati: "Noneho, murebe, uvuge ikintu kimwe gisa n'abandi."

64 Yaravuze, yaravuze ati: "Nzabikora gusa. . ." Aha ni ko bimeze. "Ndaza kuvuga gusa ibyo Imana ivuga." Amina. "Nta kibazo ibyo umuhanuzi wawe avuga, n'icyo *aba* bavuga, n'icyo itorero ryawe rivuga, n'icyo bavuga, Nzavuga ibyo Imana ivuga. Ibyo Imana yashyize ku munwa wanjye kandi nzavuga ibyo Ivuga." Icyo dukeneye uyu munsi ni abandi ba Mikaya bazavuga ibyo Imana yavuze. Icyitonderwa, nuko bamuhagurutsa aho, aravuga ati: "Mumpe iri joro." Muri iryo joro rero Uwiteka aramusanga, agaruka bukeye bwaho. Abami bombi bicara mu irembo, baravuga bati: "Komeza." Baravuga bati: "Komeza. Ariko," ati: "Nabonye Isiraheli itatana nk'intama zanyanyagiye zitagira umwungeri."

65 Uyu mubwiriza umwe rero, bose barahaguruka, baragenda, bamukubita umunwa, ati: "Ni mu zihe nzira Umwuka w'Imana yanyuzemo ngo ansohokemo?"

Baravuga bati: "Uzabimenya nugaruka." Yego.

66 Yaravuze ati: "Nimwumve hano!" Baravuga bati: "Turi abakozi b'Imana. Turi magana ane, kandi wowe uri umwe."

67 Ariko Mikaya aravuga ati: "Nzababwira aho ibibazo byanyu biri." Amina! Ati: "Nabonye iyerekwa." Amina! Yaravuze ati: "Nabonye Imana yicaye ku ntebe Yayo. Nabonye ingabo zo mu Ijuru ziyikikije. Kandi tuzi ko Ijambo ry'Imana ryakururiye uyu uyu mugabo imivumo, uhereye mu buryo yakoze."

68 Ntushobora guha umugisha ibyo Imana yavumye, nta n'ubwo satani ashobora kuvuma ibyo Imana yahaye umugisha. Ni ikibazo cy'umuntu ku giti cye, kabone n'iyo yaba umukene cyangwa umupfapfa gute, uko atize, uko atarezwe. Ibyo Imana yahaye umugisha birahirwa. Ibyo Imana yavumye biravumwe. Mmumenye gutandukanya icyiza n'ikibi.

69 Mikaya yari azi neza neza ko atari Uwiteka wari kumwe n'abo babwiriza. Ni byiza, abo babwiriza bari bafite kibazo

ki? Murebe ibyo bakoze. Bari barambitse ibyiza. Baragaburiwe ibyiza. Bari bateraniye hamwe mu matsinda yabo n'ibindi, hamwe n'amasezerano yabo, kugeza ubwo bageze mumwanya aho bamenya tewolojiya yabo gusa. Kandi Bibiliya ivuga ko Mikaya, ubwo yabonaga iyerekwa, yaravuze ati: "Imana yaravuze iti: 'Ni inde twabona ngo amanuke hariya maze abeshye Ahabu?' Umwuka wo kubeshya uti: 'Nzamanuka hariya kandi mbeshye Ahabu binyuze muri abo babwiriza, ntume Ahabu atabara, kugira ngo Ijambo ry'Imana risohore.'"

70 Noneho, uyu munsi abantu benshi barumva. . .(Noneho, ni ishuri ryo ku Cyumweru, ndarikunda.) Murebe, abantu benshi cyane bumvira imyuka ikurura aho gufata Ijambo ry'Imana. Imyuka, iri mu isi. Ni amadayimoni. kandi isohoka ahantu hamwe ikagera mu bantu, abakozi. Ikinjira mu bagize itorero. Yinjira mu bantu beza. Kandi ikabatera kwinjiramo, kwibwira ibitari byo. Kandi bavuga ibintu, bagakora ibintu, bakigisha ibintu, kandi bagakurikiza ibintu, binyuranye n'Ijambo ry'Imana. Uyu munsi, abakozi b'itorero ryabo bemerera abantu babo gukina amakarita mu matorero, benshi muri bo. Noneho, ntabwo ari Abanyagatolika bose hamwe, hari Abaporotestanti benshi babikora.

71 Ibyo bagerageje gukora ni ugusimbuza ikintu. Bagerageje gufata gahunda nshya. Bagerageje kwiga, gufata umwanya w'Umwuka Wera. Ntimuzigera mubasha kubikora, uko umugabo wawe yaba yarize kose. Ntekereza ko ari ikintu cyiza kuri we kuba yarize. Ariko niba atarabonye Umwuka Wera hamwe n'ibyo, uburere bwe ntacyo buzamumarira. Uburere ntibuzigera busimbura ubuyobozi bw'Umwuka Wera. Amina.

72 Mwitegereze, bo, mu mwanya w'ibi, bagerageje gukurikiza uguhana ibiganza k'uburambe bwa kera twakunze kugira. Uyu munsi itorero ryahindutse irigezweho. Baragenda bagahana ikiganza cyabo cy'iburyo cy'ubusabane, kandi ni muri ubwo buryo babikora. Ariko ntibizigera bifata umwanya w'intebe ya penetensiya y'umuderi wa kera aho abanyabyaha bahamagarwaga bagatunganira Imana. Ni byo.

73 Uyu munsi baragerageza gufata umwanya wa cumi w'Imana. Bagerageza gukurikiza ikintu. Bagerageza kubitandukanya. Baramanuka bakagira imikino y'urusimbi mu matorero, bakina imikino ya tombola. Imikino y'ubufindo ntizigera ifata umwanya w'icyacumi cy'Imana. Amafunguro ya nimugoroba, kugurisha ibiringiti, gupfunyika ibiryo, gukusanya amafaranga yo kwishyura imyenda itandukanye, ntibizigera bifata umwanya w'icya cumi cy'Iteka cy'Imana n'amaturo. Ntabwo bizigera bibikora. Ariko nyamara tugerageza kubikora.

74 Ibyo ni ibiki? Ni imyuka y'ubushukanyi imanuka, ikagerageza-. . .gusimbuza ikintu Ijambo ry'Imana. Imana

ntishobora gusimbuza Ijambo Ryayo. Ibihe bidashira n'iteka ryose. Imana ntacyo ifite cyo gusimbuza kwizera. Kwizera ntigusimburwa. Ibyiringiro ntibizigera bifata umwanya wo kwizera. Kwizera kurihariye konyine. Guhagarara konyine. Ntabwo bizigera bifata . . . Ibyiringiro ntibishobora na rimwe gufata umwanya wako. Kwizera ni ukwiringira ibintu wizeye, ni ikimenyetso cy'ibintu bitaboneka, cyangwa kwizera, ahubwo. Murareba? Ibyiringiro ni ikintu kimwe; kwizera ni ikindi. Ibyiringiro birabyizera; kwizera kukabibona. Kimwe muri ibyo ni ukwizera ko mu bwenge; naho ibindi ni uguhishurwa kw'Imana mu buryo butaziguye. Ntabwo kuzigera gufata umwanya wako. Turimo kugerageza, ariko dukora ibi bisimbura byose.

75 Turimo kugerageza kubaka amatorero akomeye mu mwanya wo kohereza abamisiyoneri. Ikindi gisimbura. Yesu ntiyigeze ategeka umuntu uwo ari we wese kubaka itorero. Ntabwo byigeze bishyirwaho muri Bibiliya. Twashyizeho seminari, baretse ibyo bafata umwanya w'ubumisiyoneri. Twebwe . . . Yesu ntiyigeze atubwira kubaka seminari. Byose biri mu kuri. Uburezi, kugerageza kubona ibyo gufata umwanya. Ntabwo bikora ibyo. Inshingano ya Yesu yari iyo "mujye mw'isi yose mwamamaze Ubutumwa bwiza mu biremwa byose," kubw'igihe cya nyuma. Rero ibisimbura byose dufite ntibizigera bifata umwanya w'ukuri.

76 Ejobundi hari ibyo nize, igisimbura. Nagize ububabare bw'iryinyo bwa mbere, nagombaga kwikuza iryinyo. Muri iki gitondo, mfite iryinyo ry'irikorano ryometsemo hariya. Simbasha kuvuga neza. Ntirizigera risimbura irya nyaryo. Oya, wa mugabo we! Yoo, mbega!

77 Mushobora gufata umuntu mukamwambika, mukamubaza mu biti, ingwa, icyo ushaka cyose mushaka, maze mu kamushimangira cyane. Nta byiyumvo aba afite, nta mutimanama afite. Ntazigera afata umwanya w'umuntu nyawe. Nta n'ubwo buziranenge bwo kuzamuka ngo avuge ngo: "Ninjiye mu itorero. Nzagerageza gukora neza." Ntabwo azigera afata umwanya w'umuntu nyawe wa kera, woherejwe n'Imana, guhinduka-Umwuka Wera ibyo bituma umuntu ahinduka mu mutima we. Ntashobora kubikora, kuko nta Buzima bumurimo. Nta kintu cyamuha Ubuzima.

78 Hano nta gihe kinini gishize nabonye umuhanzi ukomeye wazanye iyo shusho y'umuntu, umunyabugeni, ndashaka kuvuga, ko yakoze iyi shusho ya Mose. Izina rye ubu ntirikivugwa. Ni umuhanzi w'Umugereki. Byamutwaye ubuzima bwe. Kandi amaze kugera aho atekereza ko itunganye, ashimishwa cyane n'iyo shusho ya Mose, nuko aconga neza ivi ryayo, aravuga ati: "Vuga, Mose!" Byasaga nk'ukuri! Yari ishushanyije neza kugeza igihe isa na Mose, mu bitekerezo bye, ku buryo yakubiseho inyundo kugira ngo yumve.

79 Abishyira mu bitekerezo by'itorero. N'ubwo wasimbuza bingana iki, uko wagira itorero rinini kose, uko waririmba neza indirimbo zawe, mbega ukuntu itorero ryanyu ryambara neza, uko wabonye *ibi, ibyo,* cyangwa *ibindi*, ushobora gukomanga, ukumva, icyo wakora cyose. Ntabwo bizigera bifata umwanya w'Ubuzima, kugeza igihe Kristo amanutse mu buryo bw'Umwuka Wera, muri iryo torero, akanariha uburambe bushya bwo kuvuka ubwa kabiri. Ntibiteze kuzasimbura Ijambo ry'Imana. Ijambo ry'Imana ririhagije ryonyine.

80 Mikaya yari afite Ijambo. Yari azi ko afite Ijambo. Yari afite Ijambo, kandi yari afite iyerekwa. Yari azi ibyo Imana yavuze mu Ijambo Ryayo. Azi ibyo Imana yavuze mu iyerekwa. Bombi barateranа. Yari azi ko ari mu Ukuri, kubw'ibyo ntiyatinye.

81 Ariko uyu mwuka ureshya, murebe ibyo wakoze, uyu munsi. Kugira abayoboke benshi b'itorero, kugira abayoboke b'itorero ryiza, byasenye inkuta z'inyigisho ya Kera y'Umwuka Wera. Byemereraga abagabo kugira ibirori byo gusabana hagati yabo, hanze mu kuzimu aho bagombaga gukinira imikino. Ibyo ntibizigera bisimbura icyumba cyo hejuru, aho basengeraga basaba Umwuka Wera. Byemereye abagore guhurira hamwe bakabwirana urwenya n'ibindi bintu, bakagira amahomvu ku buryo nta kintu cyarimo. Ibyo ntibizigera bifata umwanya w'amateraniro y'amasengesho. Abagore, uburyo basohoka bambaye uyu munsi, ni—ni amahano.

82 Numvise ijambo umuvandimwe Neville yavuze, ati: "Abakene b'Abanyamerika," ati: "bohereje imyenda yabo yose mu mahanga." Ni byo. Barimo kugenda bambaye imyenda yabo. Bo. . .Ni byo. Bagomba kuba barayihaye abamisiyoneri, kuko abamisiyoneri. . .Abantu n'abanyamahanga bo mu kindi gihugu barabambitse. Aba bantu barimo gukora nta n'iyo bafite, basa nk'ababikunze.

83 Nzababwira, hari ikintu cyagoramye, kandi ubwo ni ubutumwa bwiza bw'Umwami Yesu Kristo. Ni amadayimoni ibambura imyenda yanyu. Nta muntu n'umwe wabayeho muri Bibiliya wigeze ubambura imyenda, uwo yari umuntu watewe n'amadayimoni. Kandi aje mu buryo bworoheje uyu munsi, nk'aho asabana, nk'aho ari mwiza, nk'aho ari byiza. "Ni ibihe bikonje, kandi bizabatera ubukonje nimukuramo imyenda." Umugabo ugenda hasi-hejuru, igice kimwe cyambaye ubusa, n'abagore ni uko. Kubera iki, murimo kubona uburyo nta kindi cyubahiro kirenze icy'imbwa, imwe ku yindi. Ikibazo ni ikihe? Ntabwo ngerageza kubabababaza. Ndagerageza gusa kubabwira ko ari amadayimoni, kandi murimo kumva imyuka ikurura ibabwira ngo: "ibyo ni byiza," ariko ni ikinyoma.

84 Imbuto y'ingano izera ingano gusa. Niba uri Umukristo, ntuzabikora. Ntushobora kubikora. Ntushobora kubikora. Ugira kwizera kw'ubwenge ukavuga ngo: "Mwene Data

Branham, nizera Bibiliya." Ubuzima bwawe bukubwira ko utabikora. Amina. Imyuka y'ubushukanyi irwanya Ijambo ry'Imana.

85 Yari azi aho ahagaze, Mikaya yari ahagaze. Yari afite Ijambo ry'Imana. Yari umuntu udakunzwe cyane. Nta muntu n'umwe wigeze amukunda kuko yavugaga Ukuri, n'ubwo bakundaga aba babwiriza.

86 Noneho, ikindi kintu cyabaye. Ndizera kandi ntekereza ko umugabo wese ufite uburambe bwo kugendana n'Imana, cyangwa umugore, agomba kugira amarangamutima make. Ndabyizera gusa. Ni byo. Ariko murabizi? Bafashe amarangamutima yo kubatizwa n'Umwuka Wera. Bagira bakora urusaku rwinshi, kandi nta kintu kirimo. mubeho nk'abera mumwanya yo kugira urusaku, nyuma yibyo muzamererwa neza. Amarangamutima rwose ni meza; "imyitozo ngororamubiri yungura bike." Ariko imyuka y'ubushukanyi yinjiye mu itsinda ryera ry'abantu, kandi barayibonye kugira ngo baruhuke gusa "kuko bashobora gusakuza" cyangwa "kuko bashobora kubyina, kuko bashobora guhimba amarangamutima."

87 Uwo musaza mugenzi wawe hepfo aho, umutware w'abahanuzi bose, ababwiriza, yari azi neza ko afite ukuri, ko yikoreye amahembe abiri akabyina hirya no hino, maze akavuza urusaku rwinshi. Yagiye kwirukana izindi ngabo za Ashuri mu gihugu. Ariko byari ibinyoma! Ijambo ry'Imana ryari ryatangaje ukundi. Amina. Murareba, mushobora kugira amarangamutima neza, niba mwarabonye ubwoko bwiza buri iruhande rwayo, ubwoko bw'amarangamutima bukwiye amarangamutima yawe.

88 Dawidi yabyinnye imbere y'Uwiteka, umugore we aramuseka. Imana ireba munsi y'Ijuru, iravuga iti: "Dawidi, uri umugabo unyuze umutima Wanjye Bwite." Ariko intego ze zari zifite ishingiro. Ubuzima Bwe bwari bwiza, inyuma y'ibyo.

89 Rero, kubera ko dushobora kugira amarangamutima, ntibivuze ko twakijijwe. Kubera ko tujya mu rusengero, ntibivuze ko twakijijwe. Ntimukizere iyo myuka ikurura. Umwuka w'Imana nyawo, Ijambo ry'Imana nyaryo, ni Ukuri kw'Imana; ari ryo Imbuto y'Imana, izabyara Imana mu buzima bwawe; kuba uwubaha Imana, umutagatifu, uwera.

90 Mu bantu benshi dusangamo amarangamutima, n'ibindi n'ibindi, habaho guhinduka no gusubira inyuma, n'ibintu byose bitubaha Imana. Bene Data, ubwo ni uburozi mu itorero. Ni imbaraga z'amadayimoni. Umwuka w'abagabo n'abagore winjira ukava kuri umwe ujya ku wundi, ukagerageza gusunika, vuga uti "*Ibi* ntabwo ari byiza, n'*ibi* ntabwo ari byiza, na *biriya* ntabwo ari byo." Niba uzayirukana, inshuro icyenda kuri icumi ni umuntu nyine utera impagarara, ntabwo ari ukuri. Amina. Imana yanga ubwumvikane buke

mu bavandimwe. Mwubahe, mube abera, mukunde Imana, muhagararane iruhande Rwayo. Kandi igihe cyose muzaba muzi ko ubuzima bwanyu buhamanya na Bibiliya, n'umutima wera, ubuziranenge bw'ibitekerezo, urukundo kuri mwene So, mugerageze uko mushoboye kugira ngo mwubake Ubwami bw'Imana, kandi mukore ibyo bintu, mwambara neza, mubaho neza, muvuga neza, mujya ahantu heza, noneho mushobora kugira amarangamutima yose mushaka, kandi abantu bose bazabyizera.

91 Yesu yaravuze ati: "Muri umunyu w'isi. Niba umunyu wabuze uburyohe, ntacyo uba ukimaze, muwujugunye hanze ukandagirirwe munsi y'ibirenge by'umuntu." Niba uri umunyu wenyine, ntabwo ari byiza. Ariko niba warabonye uburyohe, uhinduka umunyu kandi isi izkugirira inyota. Mwigirire ubushake bwo kuba umunyu y'isi, bazabagirira inyota. Oh, mbega!

92 Imyuka y'ubushukanyi igendagenda, amadayimoni yiyoberanya. Murebe, turi mu minsi ya nyuma. Turi mu bihe bya nyuma. Isi igeze ku iherezo, nk'uko igisebe gitutubikana ahantu hagiye guturika umwe muri iyi minsi amashyira akagisohokamo. Gihinduka umwanda. Nta mavuta ashobora kucyomora. Banze se—serumu. Banze umuti. Ufata ibibyimba byagaragaye hariya, kandi niba udafashe penisiline cyangwa ikindi kintu cyo kubimena, cyangwa ikindi kintu, bizakomeza kuzamuka kugeza igihe bizaturikira.

93 Ni byo isi yakoze. Byaratangiye, nta gihe gishize, bicika intege. Bahagurukiye igitekerezo kinini, imyuka y'ibinyoma irinjira itangira kubwira abantu *ibi,* na *biriya*, cyangwa *ibindi*. Twacitsemo ibice magana cyenda n'amadini atandukanye, buri wese afite ibitekerezo bitandukanye. Baravuga bati: "Twizera *ibi*, nta kindi! Ibyo ni byo twemera." Ntibashobora kureka Umwuka Wera. Ntibashobora kugira ukuri kw'ibintu. Imana yabonye itsinda ry'abantu bashoboraga gusakuza, ubwo abantu bose bagombaga gusakuza. Babonye bamwe bashobora kuvuga mu ndimi, ubwo abantu bose bagombaga kuvuga mu ndimi. Babonye ibintu byose nk'ibi, kugeza bihindutse (iki?) byanduye rwose imyuka y'ubushukanyi, ishuka abantu ngo bakore ayo marangamutima mu gihe nta Mana ibirimo na gato. Ubwo barasohoka bakabaho mu buzima ubwo ari bwo bwose bifuza kubaho, hanyuma bakabyita "Ubukristo."

94 Kandi isi iricara ikareba, ikavuga iti: "Reba hano! Ndi mwiza nka bo."

95 Nk'uko nabivuze ejobundi ku byerekeye ingurube, ku byerekeye umunyabyaha. Ntushobora gushinja... Umunyabyaha ni umunyabyaha. Ntugerageze kumugorora. Ntugerageze kumubwira *ibi, biriya* cyangwa *ibindi*. Ni umunyabyaha, uhereye mu ntangiriro. Ni ingurube, mbere

na mbere. Nta tandukaniro azi. Niba yagiye muri filime, akagenda ku Cyumweru, akajya mu mikino y'umupira, kandi agakora ibyo bintu byose, ni umunyabyaha, mbere na mbere. Kamere ye ni nk'iy'ingurube. Ingurube ishaje ituma izuru munsi y'ikirundo cy'ifumbire ikarya ibinyampeke byose birimo, kandi byose; muraho, ibyo, ni ingurube. Ntushobora mushinja. Ni ingurube. Iyo ni yo nzira hamwe n'abanyabyaha. Ariko iyo ugiye kwiyita Umukristo, hanyuma ukabyijandikamo, ubwo ntabwo uba uri mwiza kumurusha, ahubwo, uba uri mubi. Musohoke muri yo. Mureke tuve mw'isi. Mureke igende. Mereke Imana. Mureke igende.

96 Ni gute mushobora kurekura? Abantu benshi rero bibaza uyu munsi, bati: "Ni byiza, mwene Data Branham, ni gute wareka bikagenda?" Nzi ko mwumvise tewolojiya nyinshi kuri ibyo, "ureke igende." Abantu benshi babira ibyuya gusa, bagerageza kurekura. Abantu benshi barazenguruka bakavuga bati: "Nari ngiye kwisonzesha iminsi mirongo ine kugira ngo ngire icyo nkora." Ntimukeneye kwisonjesha iminsi mirongo ine. Mugomba kureka isi n'ibintu byose bya satani, maze mugafata Ijambo ry'Imana mu mutima wanyu. Mugomba kwigishwa kubikora. Ntabwo mubikora musimbagurika hejuru no hasi, ntan'ubwo mubikora mu kwisonjesha kw'iminsi mirongo ine. Mubikorana umutima wiyeguriye Imana Ishobora byose.

97 Nk'umwana muto. Nabonye umwana wanjye muto hariya, nyina agerageza kumwambika ikoti rye, muri iki gitondo. Yashakaga kwinjiza ukuboko kwe gushaje mu kuboko kw'ikote. Ntiyashoboraga gushyiramo ukuboko kwe; ntazi uko yabigenza. Ugomba kuyobora ukuboko kwe gato. Ashaka kwinjizamo ukuboko kwe, ariko arimo gukubita hirya no hino. Ntiyigera agera ku ku kuboko kw'ikoti. Azi ko atari mu kuboko kwaryo.

98 Ese mwaba muzi ko udatunganiye Imana, mu gihe mukomeje gusebanya, kubeshya, gukora ibyo byose. Ntumushobora gukiranukira Imana, sinitaye ku mubare w'amatorero murimo, kugeza ubwo ubugingo bwanyu buhindutse. Mwene Data, iyo ni imyambarire ya kera, ariko ibyo bizatogoswa hanyuma mushyire isupu mu bugingo bwanyu. Ni byo!

99 Mugerageze gushyiramo ukuboko kwe, agomba kugira ubimuyoboramo, uburyo bwo gushyiramo ukuboko. Noneho iyo ashyize ukuboko mu ikoti rye rito, amenya ko ameze neza.

100 Nuko bimeze no ku Bakristo bose bavutse ubwa kabiri. Iyo yinjiye mu Mana rwose, yitegereza ubuzima bwe n'Ijambo ry'Imana kandi akamenya ko ari ku murongo na buri kintu Cyaryo. Afite kwihangana, ubwitonzi, guceceka, ubugwaneza, imbaraga, kwizera, urukundo, umunezero, amahoro. Ntashobora kujugunywa nk'inyanja ifite ibibazo. Ntabwo ahangayikishijwe na buri kintu gito. Ntashobora gusimbuka *aha* na *hariya*, nk'icupa rihagarara ku nyanja

y'umuyaga. Yarateguwe. Umutima we urera. Ibitekerezo bye ni byiza. Umugambi we uratunganye. Ubundi buryo bwe ni bwiza. Kandi azi ko ari ku murongo n'Ijambo ry'Imana. Ikuzimu yose ntishobora kumuhindura. Yashyizwe ku murongo n'Ijambo ry'Imana. Afite urukundo rw'Imana, ubugwaneza mu mutima we, kuri buri mugabo n'umugore. Afite. . . Yirinze ibintu by'isi, byarapfuye kuri we; ntakibikeneye. Kubera iki, ntushobora gukora ku mukobwa ufite Umwuka Wera bambara imyenda yabo itubahisha Imana hanyuma bagasohoka nta mpamvu. Oya, mugenzi.

101 Noneho, nta mpamvu yo kujya umubwira ko yibeshye, 'kubera ko atazakwemera, kuko ibyo ari byo byonyine azi. Ni byo byishimo bye. Abagore bambara utuntu duto; basohoka, nimugoroba, mu gihe abagabo batashye; baza gusa gukata ibyatsi, kugira ngo. . . Kandi mumbwire ibyo byaba ari byo? Mugore, sinshaka kuvuga ko uri—uri mubi. Ntabwo nshaka kuvuga ko wiyandaritse. Ariko ntushobora kumenya, mushiki wacu, ko umwuka wanduye wagufashe. Wabikoraho iki? Wahawe ubwenge bihagije kugira ngo umenye ko bidakonje. Birashyushye. Hariho umwuka wanduye.

102 Uravuga uti: "Njyewe? Njyewe, nagiye mu rusengero!" Nebukadinezari yari umuntu ukomeye. Ariko, kubera ko yishyize hejuru, Imana yamuhaye umwuka w'ikimasa, maze iramureka arisha ibyatsi imyaka irindwi, kandi inzara z'intoki ze zakuze nk'uko bamwe muri aba bagore babikora hano. Ni byo. Nuko afatwa n'amadayimoni.

103 Umugabo yarwaye amadayimoni bamwambura imyenda. Ntibashoboraga kumwambika imyenda. Murabona icyo nshaka kuvuga? Ni imyuka y'ubushukanyi.

104 Itorero ryanyu rirabyihanganira. Umubwiriza wanyu atinya kugira icyo abivugaho, atinya ko mutazongera kwishyura icya cumi. Iyo ni yo mpamvu. Ngicyo ikibazo. Mbega, Mana yanjye! Ni gute wajya kubwiriza itsinda ry'inkongoro, 'keretse ubanje kubabwira bagahinduka bakajya ku murongo umwe n'Imana? Bazakomeza kwerekeza amazuru yabo mu bidafite umumaro igihe cyose. Icyo mukeneye ni ugushyirwa hanze, hamwe n'ububyutse bwa kera bwo bubambutsa inkombe ku yindi, maze abagabo n'abagore mukabahuza n'Imana. Reka utshindwe, ibintu by'isi! Sigaho rekura icyaha, kwikanyiza kubwiriza bidasobanutse. Amina. Mubwirize Ubutumwa bwiza. Imana yarabivuze. "Niba mukunda isi, cyangwa ibintu by'isi, urukundo rw'Imana ntiruri muri mwe."

105 Abantu bashobora gusimbuka hejuru-hasi, bagasakuza ijoro ryose, bakavuga mu ndimi nko gusuka amashaza ku ruhu rw'inka rwumutse; bagenda neza, bukeye bwaho, hamwe n'umurava ukabije wo kurwanya ibihuha, barasohoka bakajya hanze hanyuma bakavuge ikintu mw'itorero kizatera itorero

ryose gusenyuka. Nta kindi kw'isi usibye gushukana, imyuka y'amadayimoni! Mushaka kugaruka ku Ijambo, aho Imana itunganye, yera. Amina. Ni byo. Imyuka y'ubushukanyi ku Ijambo ry'Imana!

106 Dore hano hari umugabo, nta gihe gishize, yari afite umugore muto. . . Abanyagatolika yari afite nka cumi na babili hakurya hariya. Mu gihe cye cyo gucura, byaje mu biganza bye no mu gahanga. Niba ari umubwiriza mwiza w'Umwuka Wera. . . Ni ko natekereje. Uwo mugabo yari afite icupa ry'ibyo bintu, mu biganza bye, azenguruka asiga abantu abibasiga. Mbega! Tugirire Impuhwe! Ni antikristo! Sinzi niba amaraso ava mu mazuru ye cyangwa mu mutwe, cyangwa ahandi, muvandimwe, nta maraso azafata umwanya wa Yesu Kristo Umwana w'Imana. Ngayo Amaraso yonyine nzi icyo ari cyo cyose. Ashobora kuba yari afite amavuta ava mu kiganza kimwe, na vino mu kindi kiganza, ariko, niba muyikoresha mu buryo ubwo aribwo bwose bw'amadini, ni satani. Kugira ngo mubone uko ababwiriza bazagwa ku bintu nk'ibyo!

107 Icyo dukeneye, ni ukugaruka ku Gitabo kiyobora abana b'Imana, kugaruka ku Ijambo ry'Imana! Iri ni Ijambo ry'Imana, Bibiliya ya kera. Muvuge muti: "Ni byiza, Mfite ubwoba bwo kumera gutyo, Mwene Data Branham. Mfite ubwoba ko nzatakaza umunezero wanjye." Ikibazo ni ikihe? Ntabwo muzi umunezero icyo ari cyo.

108 Navuze ko ntamagana umusinzi kubera ku bwo gusohoka agasinda. Aba ameze nk'uzungerezwa. Ntabizi. Arabyuka, mu gitondo, afite isereri, ahinda umushyitsi. Agasohoka akigurira amacupa abiri cyangwa atatu y'inzoga, arasohoka akigurira wisiki, n'ibindi bintu by'ubwoko bwose.

Agapaki gato k'itabi kicaye inyuma agatumura itabi, hanyuma rikamuzunguza izuru nk'aho ari gari ya moshi. Ni ibyo gusa. Sinamushinja; ibyo ni byo byishimo azi. Ibyo ari byo byose arabizi. Ni ingurube, muri kamere.

109 Biteye isoni wowe uvuga ko uri Umukristo kandi wishingikirije ku bintu nk'ibyo kubw'ibyishimo, iyo Ubutumwa Bw'umwuka Wera ntacyo buri cyo uretse kuba imbaraga nyinshi z'ibyishimo. Ubutumwa Bwiza bw'Umwuka Wera ni ubusinzi bwuzuye kuri buri muntu ufite isindwe. Muzafata ikinyobwa cy'Ubutumwa bwiza bwa Yesu Kristo, mwuzuye Umwuka Wera, muba abasinzi kugeza muvuye kuri iyi si, amina, umunezero utavugwa kandi wuzuye icyubahiro cy'ubwiza. Hariho gukangura kudahinuka. Ni ubusinzi budahinduka, usinda amanywa n'ijoro! Amina. Iryo ni Ijambo ry'Imana.

110 Itorero riza hafi, ryakira ikindi kintu. Bagomba kugira ibirori bito aho bose basohokera ku mucanga, kugira imyidagaduro. Bagira ikarita yo guhurira hamwe, ku bw'ubusabane. Ni byo. Mugira imbyino, mu gihe kimwe,

mu rugo rumwe rw'abanyamuryango, rimwe na rimwe mu kibuga cy'itorero. Imbyino, mukazigira izanyu, mukagerageza kubona ikintu gishimishije. Ni iki? Ni itsinda rinini ry'ingurube, uko byagenda kose. Ni ingurube, uhereye mu ntangiriro. Iyaba barigeze guhura na Kristo, bari kugira umunezero mwinshi, ibyo bintu byari kuba ibyica kuruta saa sita z'ijoro, kuri bo. Ivanjili, basinze Umwuka, umunezero utavugwa kandi wuzuye icyubahiro cy'ubwiza.

111 Ntimugacire urubanza umunyabyaha; ahubwo mumugirire impuhwe. Mureke agende akomeze anywe itabi rye, mureke anywe inzoga, mureke akomeze ibirori bye. Ibyo biramushimisha. Ntimukamushinje. Gutaha hamwe n'ibindi byose, ananiwe kandi ashaje, aba ashaka umunezero. Ikintu mugomba gukora ni ukubaho mu buzima bwubaha Imana ku buryo mushobora kumwereka ko Ubutumwa Bwiza buruta ibyo inshuro ibihumbi icumi, kuri we. [Ahantu hadafashe amajwi kuri kaseti—Ubwanditsi.] Niba kandi apfuye muri ubwo buryo, azajya ikuzimu, kubera nzoga. Ni byo gusinda kwa satani. Niba apfuye, akurura ku nkono y'itabi ishaje, Imana ni Umucamanza wabyo. Niba apfuye, agisohoka hano, kubyina, no kwiruka yambaye imyenda y'ubusambanyi, Imana ni Umucamanza wabyo.

112 Ariko hariho ikintu kimwe, niba upfuye uri munsi y'Imbaraga z'amavuta y'Umwuka Wera, nk'uko Sitefano yabigenje igihe yuburaga amaso imbere y'Imana, akavuga ati: "Ndabona Ijuru rikinguye, na Yesu ahagaze iburyo," muri ab'Ijuru, nk'intashya ku cyari cyayo. Amina.

113 Imyuka y'ubushukanyi ku Ijambo ry'Imana! Mureke ineshwe, mureke igende. "Ubigenza ute, Mwene Data Branham?" Mureke bigende gusa. Ibyo ari byo byose mugomba gukora. Mufate Ijambo ry'Imana. Ntimugerageze gukora ikintu na kimwe. aho gupfukama ku gicaniro mukagikubita mutaka, muti: "Mana, mpa Umwuka Wera! Mwami, mpa Umwuka Wera!" Ntabwo azaza, ari uko komeje gukubita kuri kiriya gicaniro. Ibyo ntacyo bimaze. Oya. Ntabwo ari bwo buryo butuma iza. Ni, ukuyufatira ku Ijambo Ryayo!

114 Murebe Petero. Petero yagize ibibazo, asa nk'aho agiye gupfa. Nuko abona Umwami araje, agendera hejuru y'amazi. Maze aravuga ati: "Mwami, niba ari Wowe, tegeka ngusange."

Umwami aravuga ati: "Ngwino."

115 Noneho Petero aravuga ati: "Noneho tegereza gato, Mwami, reka ngende niyirize ubusa iminsi mirongo ine, kugira ngo ndebe niba nashobora kugenda hejuru y'ayo mazi, cyangwa ntabishobora. Uwiteka, reka mbone Umwuka uhagije kuri njye, ku buryo nshobora kubyina mu Mwuka no kuvuga mu ndimi, muri ubu bwato, noneho nshobora gusohoka"? Oya, mugenzi!

Yafatiye Imana ku Ijambo Ryayo, arirekura aragenda. Imana yaramujyanye.

116 Byagenda bite niba Imana ihuye na Mose, ikavuga iti: "Mose, manuka hariya muri Egiputa, ubwire Farawo uti: 'Reka ubwoko Bwanjye bugende'"? Byagenda bite se niba Mose yaravuze ati: "Reka nkomeze kwiyiriza iminsi mirongo ine, mbere na mbere, ndebe niba nabonye kwizera guhagije ko kukumvira, Mana. Mpa ikintu, ikindi kintu, Mwami. Reka nkubwire ikintu, reka ndebe niba ninjiye mu Mwuka, mbere na mbere"? Mose ntiyigeze abaza ikibazo, yafatiye Imana ku Ijambo Ryayo, nuko aragenda. Ni bwo buryo mugomba kubikora, mufatire Imana ku Ijambo Ryayo. Ubwo mumenya ko muzashobora kubikora. Ntabwo yategereje kugeza ikindi rkintu kibaye, yaragiye imbere arabikora.

117 Bite se kuri Eliya, igihe yamanukaga ku musozi wa Karumeli, ese yamazeyo igihe kirekire cyane? Nuko ahura n'umupfakazi w'umukene. Yari i . . . Yari ikivejuru, umunyamahanga. Amaze kumusanganira hepfo aho, yatoraguraga udukwi mw'ishyamba. Imana iramubwira iti: "Manuka ugane hariya mu nzu y'uwo mupfakazi." Mbega ahantu umubwiriza yagiye!

118 Aramanuka hariya ku nzu y'umupfakazi. Amaze kubikora, yari afite udukwi tubiri. Aravuga ati: "Urimo gukora iki?"

119 Undi ati: "Ndimo gutoragura udukwi. Nabonye agafu gahagije ko gusongamo umutsima. Ibyo ari byo byose nagasigaje. Hashize imyaka itatu tutabona imvura." Aravuga ati: "Noneho ngiye gusonga ako gatsima k'ibigori. Njye n'umuhungu wanjye tukarye, ubundi twipfire."

120 Aravuga ati: "Banza unsongere akanjye, mbere!" Haleluya! Yoo, nzi ko ndi umusazi buhoro, ariko ndi ku ruhande rw'Umwami, uko biri kose. Aravuga ati: "Kansongere njyewe, mbere na mbere. Kubera ko, UKU NI KO UWITEKA AVUZE." Aha ni ho muri.

121 Ni iki? "Mushakishe mbere Ubwami bw'Imana, no gukiranuka Kwayo." Ntabwo ari Ubwami bw'Imana kandi si "n'urusaku ruto," ntabwo ari Ubwami bw'Imana kandi si "n'amarangamutima make," ntabwo ari Ubwami bw'Imana kandi si "*iki* cyangwa *kiriya*." Ahubwo, "Imana, no gukiranuka Kwayo, n'ibindi bintu byose bizakongererwa." Yibanze imbere!

122 Noneho, uwo mupfakazi yarabyumvise. "Kwizera kuzanwa no kumva, kumva Ijambo." Aravuga ati: "Iryo ni Ijambo ry'Umwami, kuko ari umuntu w'Imana. Uwo ni umuhanuzi w'Imana, kandi nzi ko ari Ukuri. Kandi iryo ni Ijambo ry'Imana."

123 Noneho, ntabwo yirutse abaza abaturanyi uko yabigenza. Ntiyashakaga kujya kubisangiza . . . kubibwira abaturanyi, aravuga ati: "Uratekereza iki? Umubwiriza ari mu nzu yanjye, avuga *ibi*. Susie, *ibi* ubitekerezaho iki?"

124 Yarinjiye, atangira kubisuzugura. Yararekuye. Yaretse ibyo yari afite, kugira ngo abone byinshi. Ni byo isi ikeneye uyu munsi, ni ukwitandukanya kwiza kwa kera n'ibyo ufite. Haleluya! Yarabisutse, kugira ngo yuzurizwe. Yacuncumuye amavuta yose yari afite, n'amavuta yose yari afite n'ifu yose yari afite, ku mubwiriza, ku Bwami bw'Imana. Amaze kubisuka byose aho, Imana iramanuka, yuzuza ikibo cy'ifu, yuzuza n'urwabya rw'amavuta. Yongeye gusuka, ku isahani y'umuvugabutumwa. Nuko, birangira yuzurijwe. Yarabisutse. Igihe cyose yasukaga, yaruzurizwaga.

125 Nzavuga, uyu munsi, niba umuntu ajugunye ibi byose agendana na byo, no kwigana Ubukristo, ngo areke Umwuka Wera ufate umwanya Wawo, hazabaho ububyutse butangirira ku Muhanda wa Munani n'uwa Penn buzazenguruka igihugu cyose. Mureke ibitagira umumaro. Mugaruke ku Ijambo ry'Imana. Musuke hanze, kugira ngo mwuzurizwe. Mubireke bigende, kandi Imana izabigarurura. Mujugunye hanze, Imana izuzuza. Ibintu byose bito, bya, "Wabashije gukora *ibi,* ndetse wabashije gukora na *biriya*; kandi ugomba gukora *ibi* ndetse ugakora na *biriya*." Mubyibagirwe! Mubikure mu bugingo bwanyu!

126 Muvuge muti: "Mana, ndeka, uhereye kuri ibi rwose... uyu munsi, mbe Uwawe rwose. Mwami, naje mfite umutima umenetse. Naje mfite umwuka mubi. Ndagukunda. Uzi ko ngukunda. Kandi ndashaka kwibagirwa ubu buswa bwose bw'iyi minsi yo kwiyiriza mirongo ine nkareba niba nshobora kwegera Imana, kandi n'*ibi* byose, n'*ibyo*, *ibindi,* ibi byose bidafite umumaro."

127 Mubihagarike! Nta kintu kiri mw'Ijambo kibabwira kwiyiriza iminsi mirongo ine. Ntabwo ari byo. Nta kintu na kimwe ku isi cyakubwira kwiyiriza ubusa, 'keretse ari Imana ibikubwiye. Niba mwiyirije, ntimuzasonza, kandi muzabasha gukora ibyo bintu byose. Mu gihe murimo kwiyiriza ubusa, bene Data, muzagira umunezero n'ibyishimo igihe cyose. Aravuga ati: "Ntugaragare mbere yuko abagabo bameze nk'indyarya babikora, bafite isura ndende, ibabaye. 'Ndi mu gisibo cy'iminsi mirongo ine. Isahani yanjye ntizongera kumpaza. Natakaje ibiro mirongo itatu, bambwira ko nzongera gusa neza nyuma y'ibi birangiye.'" Yoo, ni ubuswa! Ni imyuka y'ubushukanyi bwa satani.

128 Haguruka ku gicaniro, hanyuma uvuge uti: "himbazwa, himbazwa, himbazwa" kugeza igihe udashobora kuvuga ikindi kintu, hanyuma uvuge uti: "Wagize kuvuga mu ndimi mbere y'uko ubona Umwuka Wera." Ntacyo bimaze! bireke!

129 Kura ibyo mu myumvire yawe hanyuma uze ku Ijambo ry'Imana! Aravuga ati: "Nimwihane, buri wese muri mwe, kandi mubatizwe mw'Izina rya Yesu Kristo kugira ngo mubone kubabarirwa ibyaha byanyu, kandi muzahabwa impano

y'Umwuka Wera." Imana idakomeza Ijambo Ryayo, ntabwo ari Imana. Amina. Mushyire hanze. Mwuzurizwe. Amina. Yoo! Ndabikunda. Iryo ni Ijambo Ryayo. Imana ni ko yavuze. Ni byo. Kandi ubwo ari Imana yabivuze, Imana izabyitaho. Byose. Imyiteguro yose ukora, ukujya mu rusengero kose ushobora gukora . . .

130 Ni nk'aho hepfo hano aho bakora imodododoka bubaka ikintu kinini gitwara imizigo, cyangwa se, itsinda rinini ry'imodoka zitwara abagenzi. Nakoragayo. Kandi barafata bakubaka ibyo bikaroseri bikomeye n'ibindi byose, bagashyiraho ibiti bikomeye, bya ribuyu hirya no hino, n'ibindi bintu byiza cyane, bishyirwa neza ku murongo, kandi byari bihamangiye cyane. Hano hari moteri, nta gipimo cy'ubushyuhe kirimo. Yari iri aho gusa.

131 Icyo ikeneye uyu munsi ni umuriro mu cyuma gishyuahya. Icyo ikeneye uyu munsi ni igipimo cy'ubushyuhe. Icyo rikeneye uyu munsi, itorero, ni ukubiza; ikintu cyo kubiza ku bushyuhe bwo hejuru cyane ni ukubiza icyaha kikava mu buzima bwanyu, ni urukundo. Niba kandi mudashobora gukundana, ni gute muzajya mukunda Imana Iyo mutigeze mubona? Urukundo ruhishira ibyaha byinshi. Mukundane n'Imana, namwe mubone gukundana, no gukunda itorero, muzakunda n'Impamvu yabyo, muzakunda ibintu byose byubaha Imana, kandi muzirinda ibintu by'isi.

132 Imyuka y'ubushukanyi igenda ibwira abantu *ibi*, na *biriya,* cyangwa *ibindi,* "Bafite gukora *ibi*. Bagomba gukora *ibyo*." Ni ukubera ko ayo madini yazamutse, bakabona ihishuriwa rito bakavuga ngo, "Ni byiza, ubu, ndizera ko umuntu . . . Nizera ikintu nko kuvuza induru muri Bibiliya." Ni byo. Uko ni ukuri. Bakoze idini muri ibyo, "Iyo utaka, uba Wawubonye." Ariko ntawo wabonye.

133 Ukurikiyeho arahagurudka, akavuga ati: "Kuvuga mu ndimi." Ni byo. Ibyo biri muri Bibiliya. "Ni byiza, iyo uvuga mu ndimi, uba Wawubonye." Ariko benshi muri bo bavugaga mu ndimi kandi batawufite. Murabyumva? Ntabwo ari byo. Oya, mugenzi.

Benshi muri bo baravuga bati: "Ni byiza, dukwiye guhanura."

134 Murabona aba bahanuzi hano bafite amahembe ku mitwe yabo, basimbuka hejuru no hasi maze bagahanura. Mikaya ati: "Uri, buri wese, arabeshya." Amina. Ni byo. Imana ntiza gutya. Imana iza ku mutima utaryarya uza ku mutima umenaguritse, wacitse intege. "Ugenda, abiba mu muruho, agasarura mu marira, nta gushidikanya ko azagaruka yishimye, azanye ibisarurwa by'agaciro." Amina. Mufate ubwo burenganzira, nshuti zanjye.

135 Inyigisho z'amadayimoni nyinshi, amadayimoni akorera mu bugingo bw'abantu! Murebe aho yera imbuto. Murebe ubuzima umuntu abaho. Murebe uburyo bakora, mwitegereze uburyo bakora, murebe intego zabo. Ntabwo bishoboka... Niba kandi narakubwiye, "Inzira yonyine...Hano hicaye imodoka, zose zitonze umurongo hano. Ijuru riri muri Charlestown. Ntushobora kugenda n'amaguru. Inzira imwe ushobora kunyuramo, ni iy'imodoka. Kandi umuntu wese urenze umurongo agomba kuzana litiro eshanu za lisansi." Dore imodoka ye, ariko niba adafite lisansi ntashobora kuyikoresha. Ni byiza, ni byo rwose, neza neza ni ko bimeze mw'Ijuru. Niba upfuye udafite Imana, sinitaye ku uko wabayeho n'umubare w'imodoka wakoze, niba urukundo rw'Imana rudahari rugukururira mu wami Bw'Imana, warazimiye.

136 Hano hari ibibi n'ibyiza. Tutitaye ku buryo bwiza ubu bw'iki gihe bugendamo hano, niba butabonye urusinga rwo mu butaka, ntibuzigera bumurika. Ni ukuri. Mugomba gushinga imizi, mukaguma mu rukundo rw'Imana. Yoo, muvandimwe! Huriza hamwe ibyo bibi n'ibyiza, uzagira Umucyo, Urumuri rwiza rwa kera rw'Ubutumwa bwiza. Mureke Rukwirakwire kuva ku nkombe kugera ku yindi. Ntimuzigera mugira urukundo mudafite Urumuri. Tutitaye ku buryo wikunkumura ukanasimbuka wakora ugamije ibyiza, mugomba kugira urusinga rwo mu butaka kugira ngo rutange Umucyo. Amina.

137 Mwigeze mubibona? Mwashyizeho urusinga rwo mu butaka hano kuri ibi, na buri kintu cyose gisunika hano cyerekeza muri sitasiyo ntoya, neza munsi y'ubutaka. Kandi igihe cyose umuntu yashinze imizi kandi akishingikiriza kw'Ijambo ry'Imana, riramukomeza kandi rikamushingikiriza i Karuvari, hariya aho ubwato buziritse, inkingi y'Imana yazanyweyo, kugira ngo imurike Umucyo w'Ubutumwa bwiza. Amina.

138 Muzi neza icyo ari cyo? Abantu muri ibi byumba bikomeye bikonje babikamo abapfuye, bitwaza ko babwiriza Ubutumwa bwiza. Umubwiriza muto ejo yaje aho nari ndi, ni umwe wo muri rimwe mu madini akomeye ari mu gihugu muri iki gihe, hanze y'Abanyagatolika. Yaravuze ati: "Mwene Data Branham, ndarwaye kandi ndananiwe." Aravuga ati: "Bagiye gutuma twese ababwiriza twambara amakanzu no guhinduriza amakora yacu, ndetse—ndetse no kubwiriza ibintu bimwe na bimwe. Kandi bazatubwira ibyo tugomba kubwiriza, buri gihembwe." Aravuga ati: "Sinshobora kubyihanganira." aravuga ati: "Nkore iki? Mbese ngomba gutangira kwamamaza Ubutumwa bwiza?"

139 Naravuze nti: "Mwene Data, igihe cyose uri kumwe n'iryo dini, iyubahe. Uvuge ibyo bakubwiye. Ariko zamuka ujye kureba Padiri wawe cyangwa umuyobozi wa leta, hanyuma umubwire uti: 'Mugenzi, navutse ubwa kabiri kubera Umwuka w'Imana. Dore ngiri Ijambo ry'Imana. Niba unyemereye kubwiriza

Ibyo, nzaguma mu itorero ryawe. Niba utabikora, ndagiye. Ubihindure ujye ku wundi muntu.'" Uko ni ko wabigenza. Ntukazenguruke igihuru gusa. Ntugatekereze nabi. Sohoka uvuge ibintu uko biri. Ni byo.

140 Yaravuze ati: "Mwene Data Branham, utekereza ko nagombaga kugira amateraniro?"

141 Ndavuga nti: "Aho Intumbi iri, ni ho Inkongoro zizateranira." Ni byo, bazagukurikira.

142 Kimwe n'umugabo, rimwe, waturagishaga imishwi y'inkoko. Noneho, ntabwo ari urwenya. Simvuze nshaka gusetsa. Ndashaka kubivuga kubw'impamvu. Yagiye kubakira inkoko ze, kandi ntabwo yari afite amagi ahagije. Ashyiramo igi ry'imbata mu yandi magi. Nuko igihe yose yaturagwaga, umushwi w'imbata ni cyo kintu cyashimishije cyane inkoko zigeze zibona. Hanyuma rero inkoko yahamagaraga imishwi yayo nayo ikaza, ariko imbata ntiyari izi urwo rurimi. Ariko, umunsi umwe, inkoko nyina yazisohokanye inyuma y'ikigo. Aho inyuma y'ikigo hari umugezi. Igihe umushwi w'imbata wabonaga ayo mazi, wasimbukiye mu mazi vuba na bwangu. Inkoko qishaje iravuga iti: "ko, ko, ko." hanyuma umushwi w'imbata nawo uti: "honk, honk, honk." Werekeza ku mazi. Kubera iki? Yari imbata, muri kamere. Igihe yumvaga amazi, mwene Data, ntabwo yashoboraga kuyavamo habe na gato, kuko yari imbata.

143 Kandi ndavuga uyu munsi, abantu bose bashaka rwose kubona Imana, ntibazemera ko hababaho itorero ribategeka ibintu badashobora kubamo, *ibyo* cyangwa *ibindi*. Niba mufite kamere y'Imana muri mwebwe, muzagendera mu kwera. Muzajya mu bintu byiza. Muzahagarara ku bintu byiza. Muzakora ibintu byiza. Muzatekereza ibintu byiza. Muzabaho neza. Niba muri imbata, mukunda amazi. Niba muri Abakristo, mukunda Kristo. Niba uri shitani, ukunda ibintu bya shitani. Niba uri ikiyoni, urya ibintu byapfuye. Niba uri ingurube, uzarya icukiro. Muri hehe uyu munsi? Ni byo. Muravuga ngo muri hejuru hariya, ngo murya ibintu by'Umwami, hanyuma mukamanuka mugashinga imizi kwa satani. Hariho ibitagenda neza. Mureke kubatega amatwi imyuka yabo; ni amashitani. Nta kibazo n'ubwo wahagarara wenyine. Abagabo n'abagore bahora bahangana n'ikintu icyo ari cyo cyose, ugereranyije, babaye abagabo n'abagore bahagaze bonyine hamwe n'Imana.

144 Murebe Mikaya, uko yahagaze aho; atari nk'urutare rwa Gibraltar, ahubwo ari nk'Urutare rw'Ibisekuruza. Yaravuze ati: "Ntacyo nzavuga. . . Sinitaye ku cyo seminari ivuga. Sinitaye kuby'itorero ryanjye rivuga. Sinitaye kuby'umwami avuga. N'iyo banca umutwe, nzavuga gusa ibyo Imana yashyize mu kanwa kanjye ngo mvuge." Yari afite ukuri. Yari afite ukuri.

145 Uyu munsi, bagabo namwe bagore, ntimukite ku byo isi yabazigamiye, ni uwuhe muti ibafitiye, ni ubuhe bwoko bw'urukingo rw'udukoko bafite, kandi basaba, "Niwinjira mu itorero, uzamererwa neza." Uko ni ugukingira ibinyoma. Kubera iki? Uracyafite icyorezo cy'icyaha. Ni byo. Ariko ndababwira ikintu kimwe, bene Data, kizabakingira icyaha, icyo ni, injira mu Maraso y'agaciro y'Umwami Yesu Kristo maze wuzuzwe Umwuka Wera, kandi ibyo bizagukingira ibyaha byose, kandi ibyifuzo byawe bizahamanya n'Ijuru, kandi ntuzabona umwanya wo gutakaza ku bintu by'isi.

Mureke dusenge.

146 Data wa twese wo mu Ijuru, iyo tubonye iyo myuka y'ubushukanyi mu bantu, kandi tuzi ko basuzuguye ibintu by'Imana, Ndasenga, Mana, ngo Wite ku bagabo n'abagore bose bari hano uyu munsi. Reka uyu ube umunsi, Mwami, uwo bazamenyeraho ko ubuzima bwabo butajyanye n'Ijambo. Kandi bagiye bumva ibintu bitari byo, ko satani yabahumurije hamwe n'ibinyamakuru bya kera by'Inkuru y'Ukuri, filime z'umwanda z'isi, hamwe n'amashusho ashaje anyura kuri tereviziyo yanduye. Mana, ibintu Umukristo adashobora kureba! Mana, bidutera uburwayi. Wavuze ko byaguteye uburwayi, nko kuruka. Waravuze uti: "Imbwa isubira ku birutsi byayo, n'i—n'ingurube nayo ikivuruguta mu cyondo." Imbwa ishaje izaruka ikintu. Murebe igice gishaje cyavutse, gikekwa kuba, abantu b'indyarya baza ku gicaniro, kandi nk'uko nawe waba ugiye kuruka isi; baracyakomeza nk'aho ntacyabaye, baragaruka bakongera bakarya ibyo bintu. Mana, sukura Inzu Yawe, Mwami. Haleluya! Ohereza Umwuka Wera ufite kwa kwemera kwa kera kuzahanagura ibyifuzo by'umuntu kunasukure ubugingo bwe, maze asukurwe anagirwe ikiremwa kigana mu Ijuru. Muhe. . .Uvugurura ubuto bwe n'imihigo ye nk'ikizu, kugira ngo atumbagire arenge ibintu by'iyi si, hanyuma azamuke mu Ijuru aho ashobora kubona ibibazo bimuhungira kure. Byemere, Mwami.

147 Wagereranije abahanuzi Bawe nabo, kuri kagoma, ku buryo bari bafite ijisho ry'ikizu, cyashoboraga kuguruka hejuru kikitegereza ibintu igihe kinini mbere y'uko kigerayo. Yoo Mana, ha umugisha uru rusengero ruto. Ha umugisha aba bantu bari hano. Ha umugisha uyu munsi. Kandi ubamenyeshe ko ubu Butumwa butoherejwe ku kitari ikiremwa muntu, ahubwo bwoherejwe neza, Mwami, kuri babandi babukeneye cyane; bazi ko umunsi umwe tugomba guhagarara hamwe mu rubanza rw'Imana, kandi bazi ko tuzabazwa ibyo twakoze nyuma yo kumenya Ukuri kandi ntitukwamamaze. Data, ndasenze ngo bigere kuri buri mutima wose. Mw'izina rya Yesu.

148 Mu gihe twunamishije umutwe wacu akanya gato, ndibaza niba hano hari umuntu muri iki gitondo wavuga ati: "Mwene Data Branham, ndarwaye kandi ndambiwe utu tuntu duto

twa kera. Mfite utubazo maranye igihe kirekire. Njyewe—njyewe buri gihe mvuga ntabishaka. Njyewe—Njyewe nkora ibintu ntakagombye gukora, kandi mbizi. Ntabwo bibaho ku Mukristo. Simba nshaka kubikora; Imana izi ko ntabishaka. Kandi sinshaka na rimwe kongera kumvira uwo mwuka. Ni ibintu byadindije ubuzima bwanjye bwose, bimbuza kugira urukundo n'umudendezo nyabyo muri Kristo. Ndashaka ko unsengera, mwene Data Branham, ko biza gushoboka ko bi—bimvaho uyu munsi." Uraza kuzamura ikiganza cyawe? Buri mutwe wunamye. Imana ibahe umugisha. Yoo, mbega, ibiganza bigera kuri cumi na bibiri! Utuntu duto duto dushaje, utuntu duto twa kera tugutera kuvuga cyangwa gutangira kuvuga nabi mu itorero, dutuma ufata uruhande rw'ikindi kintu nk'icyo. Yoo, ibyo ntibyubahisha Imana. Ibyo ni ubwumvikane buke mu bavandimwe. Kandi ntimugakore ibyo. Ntimubikeneye. Ntimukeneye bya bintu bito bya kera, uko kutumva kwa kera n'ibindi byose, kugira ngo bikudindize.

149 Muvuge muti: "Mana, sinshaka ko icyo kintu gikomeza. Ndarwaye kandi ndarambiwe. Niteguye uyu munsi kukireka. Ndaje nonaha, Mwami, kandi ndashaka kwikuramo kwikunda kwanjye. Niba mwene Data atamfashe neza, nzamusengera uko byagenda kose. Niba data atamfashe neza, nzamukunda uko byagenda kose. Niba umugore wanjye atamfata neza, cyangwa umugabo wanjye, nzikomereza, nciye bugufi, imbere y'Imana. Mwami, ntumbiriye Ubwami Bwawe gusa. Ndashaka ibitekerezo byanjye bitunganye. Ndashaka umutima wanjye wuzure umunezero. Ndashaka kugenda, mu gihe ibibazo biduhiriye hafi yanjye, Ndacyashaka kuguma nzamuye ibiganza byanjye n'umutima wanjye utunganye imbere Yawe, Mwami, mbimenye, ko umunsi umwe nzahura na We. Ndashaka uburambe nk'ubwo. Mwami, mpindura gutyo, guhera uyu munsi."

150 Wazamura ikiganza cyawe, umuntu utazamuye ukuboko hashize akanya. Imana ibahe umugisha. Imana ibahe umugisha. Mushiki wacu, duhe akaziki gato mu gihe twunamishije imitwe. Ni kangahe ushaka kubisobanura? Ntukine ubu. Iki ntabwo ari igihe cyo gukina. Iki ni igihe cyo kwakira. Iki ni igihe ugomba kubibona. Ngwino, ubijugunye hanze nonaha. Uraza kubikora? Ngwino, tanga ibyo ufite byose ku Mana. Vuga uti "Mana, ntabwo mbona byinshi. Ndi umugore woroheje wo mu rugo. Ntabwo nshobora gukora cyane, Mwami, ariko njye—njye nshobora gusoma Bibiliya Yawe, nshobora gusenga buri munsi. Nshobora guta imyanda yose iri mu bitekerezo byanjye. Nshobora guta ibyo bintu byose hanze. Mfite icyaha cy'ibintu byinshi umubwiriza yavuze muri iki gitondo, nanjye ndi—uyu munsi ndimo kubijugunya hanze. Simbishaka. Mana, nyuzuza urukundo. Uzuza ibintu bintera gukunda umwanzi ukaze mfite. Ndabishaka rwose, Mwami."

151 Mu gihe arimo gucuranga hano, mbese ntiwaza nonaha ugahagarara ku gicaniro akanya gato, mu gihe tuyobowe n'ijambo ry'amasengesho. Niba mu by'ukuri ushaka kuvuga ko nonaha, rwose witeguye kubireka, ntuwigera uva kuri iki gicaniro uyu munsi hamwe n'ibyo biri mu mutima wawe, niba waje ubikuye ku mutima. Kandi uvuge uti: "Ndaje hano kugira ngo mpahagarare, nk'umunota umwe, Mwene Data Branham, yego, mu gihe ufite ijambo ry'amasengesho hamwe nanjye, ku giti cyanjye." Njyewe—Njyewe ndashaka ko uza, tugasenga. Uraje nonaha? Mu gihe mwunamishije imitwe yanyu, ni inde uza guhaguruka akaza ku gicaniro, agahagarara hafi y'igicaniro?

Ntumpiteho, O Mukiza mwiza,
Umva uko nganya;
Ubwo ugenderera abandi,
Yoo, nanjye ntunsige.

Mukiza, Mukiza,
Umva uko nganya;
Ubwo ugenderera abandi,
Yoo, nanjye ntunsige.

152 N'ubwo waba umaze mu Bukristo igihe kingana iki, kandi ukaba ugifite iyo myuka mito ishaje ivugana na we,' ituma ugenda utakaza, bigatuma uvuga nabi umuntu runaka. Iyo umuntu aje akajya kuvuga nabi abandi, ukifatanya neza nabo kandi, yoo, gusa ubirukane. Ibyo ni bibi, mwene Data. Ntukore ibyo. Ibyo amaherezo bizakubuza kugera mu Gihugu cyasezeranijwe. Niba warabonye gusa ibintu bishaje utagomba kugira, niba urukundo rw'Imana rwose rutari mu mutima wawe, ntuzaba umudamu ngo ube n'umugabo, genda uvuge uti: "Mana, noneho ngiye kubijugunya hanze, muri iki gitondo, hano. Ngiye kure y'iki gicaniro ndi umuntu utandukanye." Mbese waza?

153 Hari umunyabyaha utarigeze yemera Yesu, kandi uzi ko uri umunyabyaha, utamuzi nk'Umukiza wawe? Uravuga uti: "Mwene Data Branham, yego, natekereje ko nishimye cyane. Njya kubyina no mubirori n'ibindi byose. Ndeba ibintu bibi gusa bidakwiye kurebwa. Kandi njyewe—njyewe nasomye ubwoko bw'ibitabo bivuga ibibi. Nsoma ibitabo birimo inkuru zitiyubashye. Ngubwa neza mbisoma." Mwene Data, hari ikitagenda neza. Ngibyo ibyo ukunda; murareba, munyemerere ndebe ibyo umugabo asoma, reka ndebe ibyo areba, numve umuziki yumva.

154 Ejobundi, nje mu modoka, umuntu runaka yaciye haruguru afungura radio yanjye, numva ubwoko bw'umuziki udasobanutse. Ndavuga nti: "Zimya icyo kintu. Sinshaka kucyumva." Kimwe mu bintu by'byuma by'umuziki bishaje bya boogie-woogie.

Aravuga ati: "Kubera iki, njye nkunda kubyumva."

Ndavuga nti: "Kamere yawe iranduye. Uranduye."

155 Igihe nari ndi hanze hano, iminsi mike nyuma y'ibyo, hejuru ku ruhande rw'umusozi cyangwa ku umusozi, ndi kuroba, ndi kumwe n'umuntu. Inyoni zabo nto zararirimbaga. Inyamanza nazo zijwigira. Intashya zarimo zigurukira mu kirere, cyangwa ifundi, ziririmba ibisingizo. Navuze kuri uriya muhungu, ndavuga nti: "Reba, muhungu, uwo ni wo muziki wanjye. Komeza. Iyo ni yo radio yanjye. Imana irazohereza ngo zindirimbire mu gihe ndi hano. Bihumuriza umutima wanjye."

156 Bindutira ibintu byose by'abasazi bya kera, utwo dusanduku twa juke dushaje dutontoma, dufunguye, ahantu rusange udashobora no kurira. Ni ibiryo bya satani. Ni inzu ya satani, yose yandujwe n'icyaha. Ese mwese mwasindiyeyo kandi muryoherwa na byo? Iyo bashyizemo ayo mafranga mu dusanduku dushaje, maze ibyo bintu byose byanduye bikaza, ese ibyo murabyishimira? Biteye isoni. Murasubira inyuma. Muri kure y'Imana. Ntabwo muzi Imana. Niba mwari muzi Imana, mu kubabarira ibyaha byanyu, ntabwo mwakongera gutega amatwi ibintu bidafite umumaro nk'ibyo. Byaba bipfuye. Mwabi—mwabiruka. Ntimubyifuza. Indyo yanyu iba ari nziza. Mukunda Imana. Ese ntiwaza muri iki gitondo ngo, upfukamane hano n'abarimo kwatura muri iki gitondo?

157 Dore abagabo n'abagore bapfukamye hano, Abakristo bamaze imyaka myinshi. Sinababambura ubukristo bwabo. Ariko icyo ngerageza gukora ni ukubabwira ko satani, ibyo bibahiga, ababuza Umunezera wuzuye. Umwuka Wera ni Ibyishimo. Mwene Data, mbyuka nasinze, nkanjya kuryama nasinze, mba nasinze umunsi wose, nasinze ijoro ryose. Yoo, nku—nkunda ku. . .Njya kuroba, Ndi gusa, "Ntumpiteho, nanjye, Mukiza witonda. Umva uko nganya." Njya guhiga, nkaririmba amashimwe y'Imana. Ndimo kwamamaza, njye . . . aho njya hose. Ntushaka kumera gutya? Wuzuye Umwuka Wera, Uragutera imbaraga. Yoo, mbega! Mwumve uko baririmba indirimbo zanduye zishaje, mwe mushobora kuririmba izi:

Ntumbereye Igihugu cyasezeranijwe,
Ntumbiriye Igihugu cyasezeranijwe;
Oh, ni nde uzaza akajyana nanjye?
Ntumbiriye Igihugu cyasezeranijwe.

Ntumbiriye Igihugu cyasezeranijwe,
Ntumbiriye Igihugu cyasezeranijwe;
O, ni inde uzaza tukajyana?
Ntumbiriye Igihugu cyasezeranijwe.

Ni ryari nzagera muri ubwo buruhukiro bwuzuye umunezero,
Maze nkiberayo ubuziraherezo mpawe umugisha!
Ni ryari nzirebera Data mu maso,
Nkaruhukira mu gituza Cye?

Ntumbereye Igihugu cyasezeranijwe,
Ntumbiriye Igihugu cyasezeranijwe;
Ni inde uzaza tukajyana?
Ntumbiriye Igihugu cyasezeranijwe.

158 Ese ntiwaza, tukagenda? Ndibuka igihe twari duhagaze aho twari tugeze kuri magana atanu ubwo nabatizaga abantu ijana na makumyabiri, nko muri iki gihe cy'umwaka, hepfo hano ku nkombe z'umugezi, iyo Nyenyeri nini yo mu Ruturuturu iza ikamurika ku mugezi. Haleluya! Ijwi rivuye muri Yo, ryaravuze riti: "Umunsi umwe uzakwirakwiza Ubutumwa bwiza kw'isi yose." Ni gute umuhungu w'umukene, muto, utazi ubwenge ashobora kubikora? Ubuntu bw'Imana! Amina.

159 Yemwe, ni inde uzaza tukagenda? Mwirukane, mushyire ku ruhande, imitwaro yose ibaremereye ubungubu. Ntimukumvire iyo myuka y'ubushukanyi. Nimuze, mwumve Ijambo ry'Imana, UKU NI KO UWITEKA AVUZE! "Hahirwa abafite inzara n'inyota byo gukiranuka, kuko bazahazwa."

160 Mureke twunamishe imitwe ubu mu gihe dusengera hamwe n'abari ku gicaniro.

Bana nkunda, ndashaka ko mwibuka, muri iki gitondo, muri hano kugira ngo mubihe uburemere. Muri hano kugira ngo mubihe uburemere kandi icyaha kirabahitana byoroshye. Pawulo yaravuze, mu Baheburayo, igice cya 12.

> . . .*nuko natwe*. . .*ubwo tugoswe n'icyo gicucu cy'abahamya* bangana batyo*, twiyambure ibituremerera byose, n'icyaha*. . .*kibasha kutwiziringaho*. . .
>
> *Kandi navuga iki? Kuri*. . .*igihe nticyari*. . . *bwira Gedeyoni,*. . .*kuri Balaki, Baraki,*. . .*kuri Samusoni,*. . .*kuri Yefuta; kuri Dawidi*. . .kuri *Samweli, n'abahanuzi:*
>
> *Ni inde watsinze kwizera ubwami, agakora gukiranuka, akabona* amasezerano, *ahagarika* umunwa *w'*intare,
>
> *Yazimije urugomo rw'umuriro, ahunga inkota, kubera intege nke* yabaye *ukomeye, n'imbaraga*. . .*aba intwari*. . .umwanzi aramuhunga. . .
>
> Kandi *abagore bakiriye ababo bazutse*. . .
>
> *Abandi* bakiriye imibabaro*, urw'*agashinyaguro *n'*ubugome,. . .*byongeye kandi,* ibirenze ibi*, ingwate no gufungwa:*
>
> *Kandi—n'*abo *abandi bahuye n'*ibigeragezo. . . gushinyaguriwa. . .gukubitwa. . .
>
> . . .bose *bagize raporo nziza kubwo kwizera,*. . .
>
> *Kandi* abo bose*, bamaze kubona raporo nziza kubwo kwizera, ntibakiriye amasezerano:*

*Imana yaduhaye ikintu cyiza kuri twe, kugira ngo* tutari kumwe badashobora *gutungana.*

*Ni yo mpamvu tubona*. . .*bakikijwe n'igicu* nk'icyo kinini *cy'abatangabuhamya, mureke dushyire ku ruhande uburemere bwose, n'icyaha*. . .*biratworoheye cyane,* kugira ngo dushobore *kwiruka twihanganye isiganwa ryashyizwe imbere,*

*Urebye kuri Yesu nyirubwite ni we urangiza kwizera kwacu; we kubw'ibyishimo byamushyizwe imbere yihanganiye umusaraba,* agasuzugura *isoni, none*. . . *yicaye iburyo bw'intebe y'Imana.*

161 Yesu, mu isengesho Rye, yaravuze ati: "Data, niyejeje Njyewe ubwanjye." Yesu yahindutse uwejejwe, ku Itorero. Yashoboraga kurongora, ariko ntiyabikoze. Yabaye uwejejwe. Aravuga ati: "Ubeze, Data, binyuze mu kuri. Ijambo Ryawe ni Ukuri."

162 Noneho mureke dushyire ku ruhande uburemere bwose. Mwarakaye? Mwabonye ikintu kiberekeyeho, kibatera kuvuga mu gihe mutagomba kuvuga? Mana! Bishyire hano nonaha. Mubishyire aho, mwitegereze Umuriro wo ku gicaniro umanuka ukabikuraho. Mwitegereze urukundo rw'Imana rubikuraho. Mwitegereze ibyo kwikunda byose bya kera, uburyo waganiriye n'umugore wawe, uburyo waganiriye n'umugabo wawe, uburyo waganiriye n'umuturanyi wawe, uburyo waganiriye n'abantu bo mu itorero, mubishyire ku gicaniro muri iki gitondo, kandi umuriro w'Imana uraza kumanuka ubijyane ako kanya, kandi urukundo rw'Imana ruzatwika rujye mu mwanya wabyo.

163 Wararwaye? Bishyire ku gicaniro, vuga uti: "Mwami, biri hano. Ureme muri njye umwuka utunganye. Ureme muri njye imbaraga zo gukiza." Murebe icyo Imana ikora. Imana irabikora muri iki gitondo.

164 Data wo mu Ijuru, twunamye Imbere yawe, mu izina ry'abari ku gicaniro. Reka ubuntu Bwawe bube kuri buri wese muri bo, Data. Noneho nka bo. . .Mwami, sinshobora kubibakorera. Bagomba kubikora bo ubwabo. Nta muntu ushobora kubakorera. Bagomba kubikora bonyine. Reka roho zabo zivuge ubwazo ziti: "Mana, iyi miterere, nyishyize hano, Mwami. Sinzongera kubisubira. Sinitaye ku biza cyangwa ibigenda, ndaza kubireka, uhereye ubu. Uru rurimi rwanjye rurorоshye gufata uruhande rumwe rwo gusebanya, Mwami, mbishyize hano. Sinzongera kubisubira. Weze ururimi rwanjye, Mwami. Reka numve Abamalayika batambuka, nk'uko Yesaya yabigenje igihe yavugaga ati: 'Ndi umunwa wanduye. Ndagowe!'" Nuko Umumalayika araza, afata ingofero, ajya ku gicaniro, abona amakara y'Umuriro, ayakoza ku minwa ye maze aramweza. Mana, weze abavuga bose, muri iki gitondo, bavuga nabi kandi babiba umwiryane. Bikore, Mwami.

165 Indwara zose z'ibyorezo zunamye hano muri iyi nyubako, abantu barwaye, nabo bazi ko ari amadayimoni. Mana, nk'umukozi Wawe, ndayacyaha, mw'Izina rya Yesu. Nasohoke muri buri muntu urwaye. Kandi umuntu wese wanduye, ufite ibitekerezo byanduye, ibiteye isoni, irari, abagabo n'abagore, bose kimwe, Mana, ubibakuremo. Aba bose bari hano bagerageza kureka itabi burundu, no gusabanira ku binyobwa, n'ibirori bito, n'ibintu byo kwikunda; Mana, kangura imitima yabo hamwe n'Umwuka Wera ku buryo batazongera kwifuza ibyo bintu ukundi. Ntabwo bizaba bifite ubuturo; wuzuye Umwuka Wera, uhereye aho.

166 Mana, gira iri torero rito igihuru cyaka. Rigire ahantu h'Umwuka Wera, urigire Umuriro ugurumana, kugira ngo isi ihindukire ibone icyubahiro cy'Imana. Mana, tangirira kuri ibi biganza bike, by'abantu magana abiri hano muri iki gitondo. Bikore, Mwami.

167 Sukura buri mutima, buri Mumetodiste, buri Mubatisita, buri Munyagatolika, buri Muperesibiteriyeni, buri Mupenekosite. Mwami, ubikure mu mitima yabo, bareke bagusange uyu munsi. Byemere, Data. Ndabakweguriye, kandi ndabagushinze, mw'Izina rya Yesu Kristo, kubwo kweza imitima yabo no gukiza umubiri wabo. Amina.

168 Ndabaza, niba ku gicaniro, mwaba mwahasize imitwaro yanyu? Muriyumva nk'aho mwayirambitse hariya? Niba mwumva mwayirambitse hariya, ni ahanyu kubitekerezaho. Ni mwebwe musenga. Njyewe nakoze ibyo ubutumwa bunsaba. Wowe komeza usenge. Umutwaro wawe wawusize aho, mwene Data, mushiki wanjye? Ushobora rwose kuwusiga aho? Niba ubishoboye, zamura ikiganza cyawe, uvuge uti: "Ni byo, Mana, ubu mbisize hano. Itandukaniro ryanjye, ndaza kubisiga hano ku gicaniro." Tuvuge iki, hepfo y'umusozo w'igicaniro hano, iburyo bwanjye, madamu? Ushobora kubisiga aho? Ushobora gusiga uwo mutwaro wa kera uryamye aho? Vuga uti: "Yego, kwizera kwanjye kureba Wowe Wowe Mwana w'intama w'i Karuvari." Mu gihe twese turirimbira hamwe nonaha.

> Ukwizera kwanjye kurakureba,
> Wowe Mwana w'intama w'Intama w'i Kaluvari,
> O Gakiza k'Imana;
> Noneho nyumva mu gihe nsenga,
> Kuraho ibyaha byanjye byose,
> O Reka guhera uyu munsi
> Mbe Uwawe rwose!

169 Murekea duhagarare ku birenge byacu, twubashye rwose, buri wese. Noneho mwumve neza, abantu bose nonaha. Ntihagire umuntu ugenda. Gusa . . . Umurimo ntabwo

urarangira. Ndashaka ko muguma muri iki kirere cyiza cy'umwuka, mutuje gato.

Mu gihe umwijima w'ubuzima uncanze ndakandagira,
Kandi agahinda kangose,
Mbera Umuyobora;
Umwijima uhinduke amanywa,
Mpanagura amarira y'umubabaro,
Reka uhereye uyu munsi
Mbe Uwawe rwose!

Ntimuyiririmbire umuturanyi wanyu nonaha. Mufunge amaso, mureke tuyiririmbe buhoro, mu gihe tuzamuye ibiganza ku Mana.

Mu gihe umwijima w'ubuzima uncanze ndakandagira,
Kandi agahinda kangose,
Mbera Umuyobozi;
Reka umwijima uhinduke amanywa,
Mpanagura amarira y'umubabaro,
Sinzongere kuzimira ukundi
Ngo njye kure Yawe.

Mfite Data hejuru hariya,
Mfite Data hejuru hariya,
Mfite Data hejuru hariya,
Ku nkombe yo hakurya.

Yoo, umunsi umwe urabagirana nzajya kumureba,
Umunsi umwe urabagirana nzajya kumureba,
Umunsi umwe urabagirana nzajya kumureba,
Ku nkombe yo hakurya.

Yoo, uwo munsi urabagirana ushobora kuba ejo,
Uwo munsi urabagirana ushobora kuba ejo,
Uwo munsi urabagirana ushobora kuba ejo,
Ku nkombe yo hakurya.

170 Ndabaza ubu, ni bangahe bafite data mu kindi Gihugu? Reka turebe ikiganza cyanyu. Ni bangahe bafite nyina mu kindi Gihugu? Muzamure ikiganza. Ni bangahe bafite Umukiza mu kindi Gihugu? Muzamure ikiganza.

Mbese ibyo ntibizaba ari ukubonana guteye umunezero!
Mbese ibyo ntibizaba ari ukubonana guteye umunezero!
Mbese ibyo ntibizaba ari ukubonana guteye umunezero!
Hariya hakurya. . .

171 Ndashaka ko hari icyo mukora. Noneho mu gihe twongeye kuririmba, ndashaka ko uhana ikiganza n'umuntu uhagaze iruhande rwawe, hanyuma uvuge uti: "Mwene Data, mushiki wanjye, unsengere, kugira ngo tuzahurire mu kindi Gihugu." Ntubikore mu byukuri niba utabyemera. Ni bangahe bashaka kuzahurirayo? Ni bangahe bifuza guhura n'abantu bose hano, hakurya? Twebwe turabyifuza rwose. Noneho reka duhane ibiganza gusa umwe ku wundi, maze tuvuge tuti: "Ndashaka kuzakubona, mwene Data. Ndashaka kuzakubona hakurya." Noneho mu gihe turirimba ibi: "Mfite Umukiza hakurya hariya." Ni byo.

Mfite Umukiza hakurya hariya,
Mfite Umukiza hakurya hariya,
Mfite Umukiza hakurya hariya,
Hakurya ku yindi nkombe.

Yoo, umunsi umwe urabagirana nzajya kumureba,
Umunsi umwe urabagirana nzajya kumureba,
Umunsi umwe urabagirana nzajya kumureba,
Hakurya ku yindi nkombe.

172 Ntabwo ibyo bituma mwumva mumerewe neza? (*Yesu, nkomeza hafi y'umusaraba.*)

Yesu, komeza kumba hafi . . .
Hano hari Isoko y'agaciro,
Mbohora kuri byose, isoko ikiza,
Itemba iva ku isoko y'i Karuvari.

Abantu bose bazamure ikiganza nonaha.

Ku musaraba, ku musaraba,
Ba icyubahiro cyanjye iteka ryose;
Kugeza ubwo ubugingo bwanjye bwazamuwe buzabona
Uburuhukiro hakurya y'uruzi.

Ku musaraba, ku musaraba,
Ba icyubahiro cyanjye iteka ryose;
Kugeza ubwo ubugingo bwanjye bwazamuwe buzabona
Uburuhukiro hakurya y'uruzi.

Ndamukunda, ndamukunda,
Kuko yabanje kunkunda
Andonkera agakiza kanjye
i Kaluvari.

Imana ihabwe icyubahiro!

173 Reka duceceke noneho twunamishe imitwe gusa. Kandi mu buryo bwacu bwiza, reka tumushimire gusa amaboko yacu ari hejuru, muvuge muti: "Urakoze, Mwami, ku bw'ubugingo bwanjye. Urakoze, Mwami, kuba warankijije. Urakoze, Mwami,

ku byo wakoze byose, kuba waratubatuye, ukaba waraduhaye agakiza ku buntu. Urakoze, Mwami."

Tuguhaye aya maturo yo gushimira. Tugushimira kuko Ufite igikundiro. Uri Umwangange wo mu Kibaya, Inyenyeri yaka yo mu Ruturuturu, Roza ya Sharona, Byose-muri-Byose. Uri Data, Umwana, Umwuka Wera; Uwahozeho, Uriho, kandi Uzaza; Alufa ukomeye, Omega. Uri Igitangaza, Umwami w'amahoro, Imizi n'urubyaro rwa Dawidi. Uri byose! Kandi turagushimiye, Mwami, ku bw'ibyo wakoze byose. Turagushimira kubw'Ijambo Ryawe, kuko Riri umucyo mu nzira zacu. Yoo, turasenga, Mwami, ko Uzareka tukagendera mu Mucyo. Bitwemerere, Data. Mu Izina rya Yesu Kristo. Amina.

Byo ni byiza. Mu gihe twicaye umunota. (*Tuzagendera mu Mucyo*.)

Tuzagendera mu Mucyo, Umucyo mwiza,
Ngwino aho urume rw'imbabazi rumurika;
Murikira impande zose kumanywa na nijoro,
Yesu, Umucyo wa . . .

174 Nimuze, abera, mureke turirimbe nonaha!

Tuzagendera mu Mucyo (ubutungane, kwera), Umucyo mwiza,
Ngwino aho urume rw'imbabazi rumurika;
Mumurikire impande zose kumanywa na nijoro,
Yesu, Umucyo w'isi.

Ngwino, umwaturire nk'Umwami wawe,
Yesu, Umucyo w'isi;
Hanyuma inzogera z'Ijuru zizavuga,
Yesu, Umucyo w'isi.

Umuntu wese!

Tuzagendera mu Mucyo (Umucyo mu nzira yanjye), Umucyo mwiza,
Hariya aho urume rw'imbabazi zirabagirana;
Murikira impande zose ku manywa na nijoro,
Yesu, Umucyo w'isi.

175 Ese ntibibatera kumva mumerewe neza? Ni bangahe bumva bamerewe neza? Gusa zamura ikiganza cyawe, uvuge uti: "Ndumva meze neza." Umwuka Wera mwese yabejeje. Noneho turaza (iki?) kugendera mu Mucyo. Ntukumve na kimwe. . . Umucyo ni iki? "Ijambo Ryawe ni Itabaza." Noneho rero:

Tuzagendera muri uyu Mucyo, ni Umucyo mwiza,
Uturuka aho urume rw'impuhwe rubengerana;
Murikire impande zose ku manywa na nijoro,
Yesu, Umucyo wa . . .

176 Ubu, ese ibyo ntibitangaje? Birasa nk'aho tudashobora gufunga. Umwuka Wera uradufata gusa! Ntimubyumva mutyo? Gusa dnumva ari nka . . . ?. . . Gusa birasa nk'aho bisohoka gusa.

. . . Ubutumwa Bwiza butonyanga amaraso,
Amaraso y'abigishwa bapfiriye Ukuri,
Ubu butumwa bwiza bw'Umwuka Wera butonyanga amaraso.

Uwa mbere wapfiriye iyi gahunda y'Umwuka Wera,
Yari Yohana Umubatiza, ariko yapfuye nk'umugabo;
Noneho Umwami Yesu araza, baramubamba,
Yabwirije ko Umwuka uzakiza abantu ibyaha.

Hano hari Petero na Pawulo, na Yohana w'Imana,
Batanze ubuzima bwabo kugira ngo ubu Butumwa bwiza bushobore kumurika;
Bavanze amaraso yabo, nk'abahanuzi ba kera,
Ijambo ry'Imana rero rishobora kuvugwa mu cyubahiro.

Hanyuma batera amabuye Sitefano, abwiriza kurwanya icyaha,
Yarabarakaje cyane, bayamutera mu mutwe;
Ariko yapfiriye mu Mwuka, yaretse amadayimoni,
Kandi yagiye kwifatanya n'abandi, uwo mutware utanga ubuzima.

Bukomeza gutonyanga amaraso, yego, butonyanga amaraso,
Ubu Butumwa bwiza bw'Umwuka Wera butonyanga amaraso,
Amaraso y'abigishwa bapfiriye Ukuri,
Ubu Butumwa bwiza bw'Umwuka Wera bukomeza gutemba amaraso.

Nimwumve!

Hano hari ubugingo munsi y'igicaniro, burarira, "Igihe kingana iki?"
Kugira ngo Uwiteka ahane abakoze ibibi;
Ariko hagiye kuba benshi bazatanga amaraso y'ubuzima bwabo
Kuri ubu Butumwa bwiza bw'Umwuka Wera hamwe n'umwuzure utukura.

Gusa bukomeza gutonyanga amaraso, (Halleluya!) Butonyanga amaraso,

Ndashaka kuba umwe muri bo.

. . . Ubutumwa Bwiza bw'Umwuka Wera, butonyanga amaraso,
Amaraso y'abigishwa bapfiriye Ukuri,
Ubu Butumwa bwiza bw'Umwuka Wera butonyanga amaraso.

177 Ndashaka kugenda neza mvuye ku ruhimbi. Amina. Yoo, mbega byiza! Abavandimwe banjye batanga amaraso y'ubuzima bwabo. Hagiye kuba byinshi bazakora ikintu kimwe. Ntugire ikibazo. Biramanuka kwiyerekana vuba. Uzinjira cyangwa usohoke. Bose bihuza ubu mu Nama y'Amatorero, kandi bose barinjira. Bose bahurira hamwe.

Kandi hazabaho benshi bazatanga amaraso y'ubuzima bwabo,
Kuri ubu Butumwa bwiza bw'Umwuka Wera n'umwuzure wabwo woza.

Buva amaraso, yego, yego, buva . . . (Oh, Haleluya!)
Ubu Butumwa bwiza bw'Umwuka Wera butonyanga amaraso,
Amaraso y'abigishwa bapfiriye Ukuri,
Ubu Butumwa bwiza bw'Umwuka Wera, butonyanga amaraso.

178 Mana Yanjye! Ndumva Kuzamurwa biri hejuru y'itorero. Yoo, gusa bituma numva merewe neza! Ibyaha byose biri munsi y'Amaraso. Murareba, Umwuka Wera ukunda Ijambo. Ijambo ni cyo Umwuka Wera ugabura, murabona. Yoo, mbega! Uramanuka ukinjira mu bantu, ugakuraho ibyaha byabo, ukuraho uburwayi bwabo, ukuraho guhinduka kwabo. Noneho nasinze, gusa nasinze uko nshoboye, nasinze Umwuka, urukundo ruva mu mutima wanjye. Sinitaye ku byo umuntu uwo ari we wese yigeze gukora, birababariwe. Umwanzi wawe ukaze, byose birarangiye. Umuntu wese wigeze avuga cyangwa wavuze ikintu, niba njye . . . ni byiza, Njyewe . . . byose byarashize, byose birasukuye ubu.

Kandi buva amaraso, yego, yego, buva amaraso,
Ubutumwa Bwiza bw'Umwuka Wera butonyanga amaraso,
Amaraso y'abigishwa bapfiriye Ukuri,
Ubu Butumwa bwiza bw'Umwuka Wera . . .

Yoo, mbega! Mbega byiza!

Mbega igihe gihebuje kuri mwe,
Mbega igihe gihebuje kuri njye;
Niba twese twiteguraga kuza k'Umwami wacu,
Mbega igihe gihebuje.

Igihe gihebuje kuri mwe,
Igihe gihebuje kuri njye;

Niba twese twiteguraga kuza k'Umwami wacu,
Mbega igihe gihebuje.

Murabikunda? Buri wese, nanyarutse!

Yoo, igihe gihebuje kuri mwe,
Igihe gihebuje kuri njye;
Niba twese twiteguraga kuza k'Umwami wacu,
Mbega igihe gihebuje.

179 Gusa ndumva ububyutse bwa kera buri mu itorero. Murabwunva namwe? Gusa isukura ryiza rya kera, risukura imbere; igihe gihebuje, gihebuje igihe gihebuje. Ntimwumva mumerewe neza? Yoo!

Nzamuhimbaza, nzamuhimbaza,
Muhimbaze Umwana w'intama watambiwe abanyabyaha;

Reka turirimbe nonaha, abantu bose. Urayizi? Ndayizi. Ngwino hano; uramfasha kuyiyobora, Mwene Data Neville. Buri wese muri mwe, twese hamwe nonaha, gusa tuzamure amaboko, turirimbire hamwe, ubu, nonaha, niba mubishoboye.

Muhimbaze Umwana w'intama watambiwe abanyabyaha;
Mumuhereze icyubahiro, bwoko bwose,
Erega Amaraso Ye yakuyeho ibizinga byose.

180 Noneho, mwese, mwihute!

Nzamuhimbaza, nzamuhimbaza,
Muhimbaze Umwana w'intama watambiwe abanyabyaha;
Mumuhereze icyubahiro bwoko bwose,
Erega Amaraso Ye yakuyeho ibizinga byose.

Amina. Ni byiza?

. . . Umujyi w'Isaro Ryera,
Mfite inzu, inanga, n'ikamba;
Ubu ndategereje, ndeba kandi nsenga,
Kubw'Umujyi wera Yohana yabonye amanuka.

181 Amina. Biratangaje! Yoo! Noneho reka duhagarare ku birenge byacu, buri wese. Nizere ko mumerewe neza. Mwibuke umurimo wo muri iri joro. Noneho turashaka kuririmba indirimbo yacu nziza ol' ikuramo izindi.

Ku Izina rya Yesu ryunamirwa,
Yikubita hasi yubamye,
Umwami w'abami wo mw'Ijuru tuzamwambika ikamba,
Ubwo urugendo rwacu ruzaba rurangiye.

Byose. Abantu bose noneho, hamwe. Ni byo.

Izina ry'Umwami Yesu ryunamirwa,
Yikubita imbere yubamye,

Umwami w'abami wo mw'Ijuru tuzamwambika ikamba,
Ubwo urugendo rwacu ruzaba rurangiye.

Izina ry'agaciro, (Izina ry'agaciro!) Yoo mbega ukuntu riryoshye! (Yoo mbega ukuntu riryoshye!)
Ibyiringiro by'isi n'ibyishimo by'Ijuru;
Izina ry'agaciro, (Izina ry'agaciro!) Yoo mbega ukuntu riryoshye! (Yoo mbega ukuntu riryoshye!)
Ibyiringiro by'isi n'ibyishimo by'Ijuru.

182 Mbega igitondo cyiza! Mbega igihe cyiza! Reka ubu twunamishe imitwe akanya gato. Umuntu wese arareba neza kuri Kristo ubungubu, Umukiza wawe. Mu buryo bwa bucece, ndashaka ko umuhereza ishimwe n'icyubahiro. Vuga uti: "Mwami, ndagushimiye cyane kuba wejeje ubugingo bwanjye. Ndagushimiye cyane ku byo wankoreye byose. Reka Umwuka wawe ambeho umunsi wose, Mwami. Nyereka inzira. Nyobora. Mpa umugisha." Imana ibahe uwo mugisha, ni isengesho ryanjye.

Noneho mu gihe twunamishije imitwe, Mwene Data Neville, nadusezerere mw'ijambo ry'isengesho.

55-0724 Imyuka y'ubushukanyi
Urusengero rwa Branham
Jeferisonivile, Indiyana Leta Zunze Ubumwe za Amerika

KINYARWANDA

©2026 VGR, ALL RIGHTS RESERVED

VOICE OF GOD RECORDINGS
P.O. BOX 950, JEFFERSONVILLE, INDIANA 47131 U.S.A.
www.branham.org

Gushinganisha Igihangano

Uburenganzira bwose burashinganye, iki gitabo gishobora gucapirwa mu rugo ku muntu ushaka kugikoresha ku giti cye nta kiguzi, akagikoresha nk'icyo kwifashisha mu rwego rw'ivugabutumwa rya Yesu Kristo. Iki gitabo ntibyemewe kukigurisha cyangwa kugicapa ugasohora umubare munini, ntibyemewe kugishyira ku rubuga, ntibyemewe kukibika mu buryo bw'ikoranabuhanga, kugihindura mu rundi rurimi, cyangwa kugikoresha ugamije kubona inkunga, udafite uruhushya rwanditse rutangwa na Voice Of God Recordings®.

Ku bindi bisobanuro cyangwa ushaka gusaba ibindi bitabo wabariza kuri aderesi ikurikira:

Voice Of God Recordings
P.O. Box 950, Jeffersonville, Indiana 47131 U.S.A.
www.branham.org